**HABYARIMANA, Urukiko rwa mbere rwIremezo rwa Kigali, Urugereko rwihariye rwa Kigali, Ikiza ryimanza mu ruhame ryo kuwa :17/07/98**

KAMATAMU Euphrasie et csrts
Tribunal de Première Instance de Kigali, Chambre Spécialisée
Jugement du 17 juillet 1998

KAMATAMU Euphrasie
Urukiko rwa mbere rwIremezo rwa Kigali, Urugereko rwihariye rwa Kigali
Ikiza ryimanza mu ruhame ryo kuwa :17/07/98

R P. 014/CSKI97 RMP. 5833/ Sl2/NRV et RP 032/ CS/ Kig. RMP 6509/S12/NRV
URUKIKO RWA MBERE RWIREMEZO RWA KIGALI, URUGEREKO RWIHARIYE RWA KIGALI, RUHABURANISHIRIZA IMANZA ZIBYAHA BY'ITSEMBABWOKO N'ITSEMBATSEMBA NIBYAHA BYIBASIYE INYOKOMUNTU, N'IBINDI BYAHA BIFITANYE ISANO RWAKIJIJE IZI MANZA MU BURYO BUKURIKIRA :

ikiza ryimanza mu ruhame ryo kuwa :17/07/98

Haburana :

Ubushinjacyaha

na

1. KAMATAMU Euphrasie, wavukiye i Kagano muri Perefegitura ya Cyangugu mu mwaka w' 1944, mwene KABUZUBUGUZI Calixte na KABUKESHA Angeline ubu akaba atuye ku Muhima, KominiNyarugenge, Perefegitura ya Kigali y'Umujyi, umunyarwandakazi, washakanye na HABYARIMANA Thomas bakaba bafitanye abana 7, yari Konseye wa Segiteri Muhima mbere no mu gihecy'intambara. Nta kindi cyaha kizwi yakoze.

2. NDAGIJIMANA Innocent, wavukiye i Ndusu muri Perefegitura ya Ruhengeri mu mwaka w'1959, mwene GAFIRIGI na NYIRAKAJE Espérance washakanye na UKANYI bafitanye abana 4, atuye kuMuhima, Komini Nyarugenge, Perefegitura ya Kigali yumujyi, ni umunyarwanda, ufite umwuga w'ubuhinzi kandi nta kindi cyaha kizwi yakoze.

3. IRAGENA Alphonse Marie, wavukiye i Butaro muri Perefegitura ya Ruhengeri mu mwaka w'1968, mwene MICUNGO Jean na NYANGOMA Catherine, washakanye na MUKASHEMA Dative, umupolisiwa PVK mu gihe cyitsembatsemba n'itsembabwoko, umunyarwanda, nta kindi cyaha kizwi yakoze.

4. HABYARIMANA Thomas, wavukiye muri Segiteri BUGEZA, Komini GAFUNZO, Perefegitura ya CYANGUGU, mu mwaka w'1939, mwene KAVURA Konkoride na NYIRAMIKENKE Anastasie, umunyarwanda washakanye na KAMATAMU Euphrasie, bakaba bafitanye abana 7, yari Perezida w'ishyaka C.D.R mu rwego rwa Segiteri ku MUHIMA, akaba n'umukozi wa RWANDATEL. Nta kindicyaha kizwi yakoze.(Agent de RWANDATEL).

Ibyaha baregwa:

Kuri KAMATAMU Euphrasie

- Kuba ari muri Segiteri Muhima, Komini Nyarugenge, Perefegitura ya Kigali yUmujyi, muri Repubulika y'u Rwanda, ayobora Segiteri Muhima hagati y'ukwezi kwa 10/90 n'ukwa 6/94, ari gatozicyangwa ari icyitso cyabandi, yarateguye kandi agashyira mu bikorwa itsembatsemba n'itsembabwoko, icyo cyaha giteganywa kandi kigahanishwa :

* Amasezerano Mpuzamahanga yo kuwa 9 Ukuboza 1948 yerekeranye no guhana icyaha génocide.

*Amasezerano Mpuzamahanga yabereye i GENEVE kuwa 12 Kanama 1949 yerekeranye no kurengera abantu batari abasirikare mu gihe cy'intambara n'amasezerano yinyongera.

*Amasezerano yo kuwa 26 Ugushyingo 1968 yerekeranye no kudasaza kw'ibyaha by'intambara n'ibyaha byibasiye inyokomuntu.

*Itegeko ngenga n° 08/96 ryo kuwa 30/8/96 ingingo ya 2 urwego rwa 1, a.

- Kuba ari aho hantu havuzwe haruguru, mu gihe kimwe, ari gatozi cyangwa ari icyitso cy'abandi, abizi kandi abishaka, yarirengagije kugoboka abaturage bari mu kaga kandi nta ngaruka mbi kuri we. Icyo cyaha giteganywa kandi kigahanishwa n'ingingo ya 256 y'igitabo cya Il cy'amategeko ahana y'u Rwanda.

- Kuba na none ari aho hantu hakomeje kuvugwa haruguru, mu gihe kimwe, ari gatozi cyangwa ari icyitso cy'abandi akora umurimo umwe wavuzwe haruguru, yararemye imitwe y'abagizi ba nabi. Icyo cyaha giteganywa kandi kigahanishwa n'ingingo ya 281 n'iya 282 y'igitabo cya II cy'amategeko ahana y'u Rwanda,

- Kuba na none ari aho hantu havuzwe, mu gihe kimwe, akora umurimo umwe, ari gatozi cyangwa ari icyitso cy'abandi, yarakwirakwije imbunda mu baturage ku buryo bunyuranije n'amategeko. Icyo cyaha giteganywa kandi kigahanishwa ingingo ya 13 y'amategeko y'u Rwanda (Codes et Lois) ku rupapuro rw'1519 (vol.3 éd. 1984).

- Kuba ari aho hantu na none mu gihe kimwe, ari gatozi cyangwa ari icyitso cy'abandi yarayogoje igihugu mu kwica bitsemba imbaga. Icyo cyaha giteganywa kandi kigahanishwa n'ingingo ya 168 y'igitabo cya IIl cy'amategeko ahana y'u Rwanda.

- Kuba na none ari aho hantu, mu gihe kimwe yaratanze inkunga ya ngombwa mu gukora icyaha cy'itsembatsemba n'itsembabwoko.Icyo cyaha giteganywa kandi kigahanishwa itegeko ngenga n° 08/96 ryo kuwa 30/8/96.

2.Kuri NDAGIJIMANA Innocent

- Kuba ari muri Segiteri Muhima, muri Komini Nyarugenge, muri Repubulika yu Rwanda, hagati y'ukwezi kwa 4/94 n'ukwezi kwa 6/94, ari gatozi cyangwa ari icyitso cy'abandi

yarakoze icyahacyitsembatsemba n'itsembabwoko. Icyo cyaha giteganywa kandi kigahanishwa :

*Amasezerano Mpuzamahanga yo kuwa 9 Ukuboza 1948 yerekeranye no guhana icyaha cya génocide.

*Amasezerano yo kuwa 26 ugushyingo 1968 yerekeranye no kudasaza kw'ibyaha byibasiye inyokomuntu.

*Itegeko-ngenga n° 08/96 ryo kuwa 30/8/1996.

- Kuba na none ari aho hantu, mu gihe kimwe, ari gatozi cyangwa ari icyitso cyabandi yararemye imitwe y'abagizi ba nabi, icyo cyaha giteganywa kandi kigahanishwa n'ingingo ya 281 n'iya 282 y'igitabo cya II cy'amategeko ahana y'u Rwanda.

- Kuba na none ari aho hantu havuzwe haruguru, mu gihe kimwe, ari gatozi cyangwa ari icyitso cy'abandi yarakoze icyaha cy'ubuhotozi. Icyo cyaha giteganywa kandi kigahanishwa n'ingingo ya 312 yigitabo cya II cy'amategeko ahana yu Rwanda.

3. Kuri IRAGENA Alphonse Marie

- Kuba ari ku Muhima, Segiteri Muhima, Komini Nyarugenge, Perefegitura ya Kigali y'Umujyi muri Repubulika y'u Rwanda, ari gatozi cyangwa ari icyitso cy'abandi, hagati y'ukwezi kwa 4/94 n'ukwa 6/94 yarakoze icyaha cy'itsembatsemba n'itsembabwoko, icyo cyaha giteganywa kandi kigahanishwa :

*Amasezerano, Mpuzamahanga yo kuwa 9 Ukuboza 1948 yerekeranye no guhana icyaha cya Génocide.

*Amasezerano Mpuzamahanga yabereye i GENEVE kuwa 12 Kanama yerekeranye no kurengera abantu batari abasirikare mu gihe cy'intambara n'amasezerano y'inyongera.

*Amasezerano yo kuwa 26 Ugushyingo 1968 yerekeranye no kudasaza kw'ibyaha byibasiye inyokomuntu.

*Itegeko-ngenga n° 08/96 ryo kuwa 30/8/1996.

- Kuba na none ari aho hantu, mu gihe kimwe, abizi kandi abishaka, ari gatozi cyangwa ari icyitso cy'abandi, ari escorte wa Konseye KAMATAMU Euphrasie, akora umurimo w'ubupolisi, yari mumutwe y'abagizi ba nabi, icyo cyaha giteganywa kandi kigahanishwa n'ingingo ya 281 na 282 z'igitabo cya II cy'amategeko ahana y'u Rwanda.

- Kuba na none ari aho hantu havuzwe haruguru, mu gihe kimwe, ari gatozi cyangwa ari icyitso cy'abandi, abigambiriye, yarakoze icyaha cy'ubuhotozi, icyo cyaha giteganywa kandi kigahanishwan'ingingo ya 312 y'igitabo cya II cy'amategeko ahana y'u Rwanda.

4. Kuri HABYARIMANA Thomas

- Kuba ari muri Segiteri Muhima, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali, muri Repubulika y'u Rwanda, hagati y'ukwezi kwa 4 n'ukwa 6/1994, ari gatozi cyangwa ari icyitso cy'abandi, ari Perezida w'ishyaka C.D.R. mu rwego rwa Segiteri MUHIMA yarakoze icyaha cy'itsembatsemba n'itsembabwoko. Icyo cyaha giteganywa kandi kigahanishwa Amasezerano Mpuzamahanga yokuwa 9/12/1948 yerekeranye no guhana icyaha cya Génocide, n'Amasezerano Mpuzamahanga yakorewe i GENEVE yo kuwa 12/8/1949 ndetse n'Amasezerano Mpuzamahanga yerekeranye no kudasaza kw'ibyaha byibasiye inyokomuntu yo kuwa 26/11/1968. Icyo cyaha giteganywa kandi kigahanishwa ingingo ya 1,a. y'itegeko-ngenga n° 8/96 ryo kuwa 30/8/96.

- Kuba ari aho hantu, mu gihe kimwe, ari gatozi cyangwa ari icyitso cy'abandi, abizi kandi abishaka, ayobora ishyaka CDR, yararemye imitwe y'abagizi ba nabi. Icyo cyaha giteganywa kandi kigahanishwa ingingo ya 282 y'igitabo cya II cy'amategeko ahana y'u Rwanda.

- Kuba ari aho hantu havuzwe haruguru, ari gatozi cyangwa ari icyitso cy'abandi, yarakoze icyaha cy'ubuhotozi. Icyo cyaha giteganywa kandi kigahanishwa ingingo ya 312 y'igitabo cya II cy'amategeko ahana y'u Rwanda.

- Kuba na none ari aho hantu havuzwe, mu gihe kimwe abizi kandi abishaka, ari gatozi cyangwa ari icyitso cy'abandi, yarirengagije kugoboka abaturage bari mu kaga kandi nta ngaruka mbi kuri we. Icyo cyaha giteganywa kandi kigahanishwa ingingo ya 256 y'igitabo cya II cy'amategeko ahana y'u Rwanda.

- Kuba na none ari aho hantu hakomeje kuvugwa, mu gihe kimwe ari gatozi cyangwa ari icyitso cy'abandi, yarakoze icyaha kigamije kuyogoza igihugu no kwica bitsemba imbaga. Icyo cyahagiteganywa kandi kigahanishwa ingingo y'1968 y'igitabo cya II cy'amategeko ahana y'u Rwanda.

Abaregera indishyi :

I. NYIRABAGENI Budensiyana
2. KAMANZI Antoniya n'UMUHOZA (uhagarari we na KAMANZI)
3. UWIZEYIMANA Charles
4. UMULINGA Chantal
5. MUTESA Grâce
6. KAYIGANWA Jean Claude
7. MVUYEKURE François
8. SENYANA Désiré
9. NZAMWITA Anastasie
10. SIBOMANAEtienne
11.RUTAYISIRE Philémon
12. MUKAMURARA Ancilla
13. KANZIGA Thérèse
14. MUKUNDUHIRWE
15. MAKUZA J.M.Vianney
16. KAMPOGO Clément
17.MUSABYEYEZU Odette
18. NYIRANDAYISHMYE Espérance

19. MUKARWEMA Immaculée
20. NIKURE Bemadette
21. GAKWAYA Benoîte n'abana be babiri ahagarariye
22. MUREKATETE Spéciose n'umuryango we wose ahagarariye
23. MUKASE Jeanne
24. MUKABYAGAJU Grâce
25. MUKAMABANO
26. RWAGASANA Charles
27. KAKIZA Hélène
28. GAHUTU Eugène
29. NTAKABABAZA
30. MUKAMWIZA Béatrice
3 I. NYIRAMBA Belancille
32. MUKAMUSONI Suzane
33. NTAGANDA Amiel
34. CYANZAYIRE
3 5. MUKANYONGA Astérie
36. MUKAGATARE Suzane

Umwishingizi w'indishyi :

LETA y'u RWANDA

URUKIKO,

RUMAZE kubona ibaruwa n°A/32/6509/S12/RV yo kuwa 27/6/1997 Umushinjacyaha wa mbere mu Rugereko Rwihariye rw'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali yandikiye Perezida w'urwo Rugereko amwoherereza Dossier n° MW6509/S 12/NRV na RMP. 5 83 3/S 12/NRV za KAMATAMU na bagenzi be amusaba ko izo dosiye zaburanishwa ;

RUMAZE kubona ko izo dosiye zanditswe mu gitabo cy'ibirego cy'Urukiko rw'Urugereko Rwihariye kuri n° R.P.032/CS/KIG na R.P.014/CSK/97 nyuma Perezida w'Urugereko agafata icyemezo ko zizaburanishwa hamwe kuwa 16/12/1997 uwo munsi umenyeshwa ababuranyi ;.

RUMAZE kubona uwo munsi ugeze, KAMATAMU Euphrasie, NDAGIJIMANA Innocent, IRAGENA Alphonse Marie na HABYARIMANA Thomas bitabye Urukiko, urubanza ruburanishwa mu ruhame Ubushinjacyaha buhagarari we na NDABUKIYE RUCONDO Vincent ;

RUMAZE kubona ko KAMATAMU na bagenzi be bakurikiranyweho ibyaha byavuzwe haruguru ;

RUMAZE kumva umwanditsi w'Urukiko asoma imyirondoro y'abaregwa n'ibyaha baregwa, KAMATAMU, NDAGIJIMANA na IRAGENA bakemera ko iyo basomewe ari iyabo, naho HABYARIMANA akavuga ko bibeshye ku kazi yakoraga, ko yari umukozi wa RWANDATEL, ko atakoreraga CDR (Coalition pour la défense de la République), bakabihakana ;

RUMAZE kumva babazwa niba bemera ibyaha baregwa bose bakabihakana ;

RUMAZE kubaza niba hari abagabo baje mu rubanza ngo basohoke, Umushicyaha akavuga ko hari ibaruwa yandikiwe n'Abavoka batagira umupaka bamusaba abagabo bifuje ko babarizwa mu muhezo ngo kubera umutekano wabo bahamagarwa niba bahari, ubwo uwunganira IRAGENA ari we Maître Smeets agasaba ko batavugwa amazina, Maître NKONGOLI wari uhagarariye bamwe mu baregera indishyi akavuga ko kubarizwa mu muhezo ntacyo bitwaye ariko ko ubuhamya bwabo abaregera indishyi babukeneye kugira ngo bagire icyo babuvugaho, na Maître MUTEMBE na we uhagarariye abandi baregera indishyi akabaza niba amategeko abyemera, Maître Smeets uhagarariye umwe mu baregwa akavuga ko ingingo ya 30 y'itegeko-ngenga n° 08/96 ryo kuwa 30 Kanama 1996 rigena imitunganyirize n'ikurikirana ry'ibyaha bigize icyaha cy'itsembabwoko n'itsembatsemba cyangwa byibasiye inyokomuntu n'iya 76 al.10 y'igitabo cy'amategeko agenga imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, abyemera ;

RUMAZE kumva Maître Smeets abazwa impamvu abo bagabo batabarizwa mu ruhame nk'abandi, agasubiza ko ari ukubera umutekano wabo, yabazwa uko umutekano wabo wahungabana kurusha uw'abandi bagabo agasobanura ko ari ukubera ko abo bagabo ubwabo badashaka kuvuga mu ruhame, bityo kubera ko Urukiko rukeneye ukuri rutazakubona kuko batakwemera kuza gutanga ubuhamya bwabo kandi bukaba butananditse muri dossier, Urukiko rusabye ko basohokana hamwe n'abandi bagabo, Maître Smeets akavuga ko byatuma bamenyekana, Urukiko rugafata icyemezo cyo gusohora abantu bose bari mu Rukiko umunota umwe, (usibye ba Avocats n'abasemuzi babo) nyuma y'umunota bakagaruka, maze abagabo bifujwe kubarizwa mu ibanga bagasigara hanze, Urukiko rwabona amazina yabo rukazabatumaho bakabazwa nk'uko abaregwa babyifuza, dore ko n'ubushinjacyaha butari bwabonye umwanya wo kubabaza ;

RUMAZE kumva Ubushinjacyaha, buhawe ijambo ngo bushinje KAMATAMU akavuga ko hari ibimenyetso n'inyandiko byinshi bimuhamya icyaha, dore ko ngo na we yabyiyemereye ko yafatanyaga na Perefe RENZAHO, we ari Konseye, na none agafatanya n'Umugabo we HABYARIMANA Thomas kwica abatutsi ngo kugira ngo batazafatanya n'abavuye hanze, ndetse KAMATAMU ubwe agatanga imbunda zo kubicisha, ndetse akaba yaranahaga abo batutsi za permis de résidence ziriho akamenyetso Mod IV (modèle 4) izo yahaga abahutu kakaba katabagaho, kugira ngo bajye bamenyekana bicwe, ndetse akaba yaranivugiye ko amaraso y'abiciwe mu Muhima bose mu itsembatsemba n'itsembabwoko ari ku mutwe we ;

RUMAZE kumva Umushinjacyaha akomeza avuga ko KAMATAMU yaremye umutwe w'abagizi ba nabi bo kumufasha kurangiza umugambi we, wari ufite abayobozi muri buri Selire ari bo MYASIRO Innocent (muri Ruhurura ya 3), André IYAMUREMYE muri Kabakene na NGILINCUTI Théodore muri Ruhurura 1 na 2 ;

RUMAZE kumva KAMATAMU ahabwa ijambo ngo yiregure, akabazwa impamvu yemeye icyaha none akaba abihinduriye mu Rukiko, we agasubiza ko mu bugenzacyaha yakubiswe, yabazwa impamvu yabyemeye no mu bushinjacyaha, cyangwa se niba na bo baramukubise, agasubiza ko mu bushinjacyaha atakubiswe, ariko ko ngo mu bugenzacyaha bari bamubujije guhindura ibyo yemeye, ngo akaba ari byo rero yubahirije akemera ibitari byo mu bushinjacyaha, yabazwa niba uwamubajije mu bugenzacyaha yari ari no kuri Parquet aho yabazwaga n'Umushinjacyaha agahakana ;

RUMAZE kubona KAMATAMU akomeza guhatwa ibibazo, mu bisubizo bye akemera ko muri Segiteri MUHIMA yayoboraga haguye abantu, ariko agahakana ko ntabo yigeze abona bicwa, ko yabonaga imirambo gusa, ngo yabaza ababishe, abo abajijje bakamubwira ko bishwe n'interahamwe n'abasirikare, maze ngo we agatanga rapports kwa Burugumesitiri na Perefe ;

RUMAZE kumva abazwa niba ashobora kwerekana izo rapports yohererezaga Perefe, akavuga ko atazihunganye, ko ntazo yabona ;

RUMAZE kumva abazwa niba muri Segiteri ye abantu barapfaga ni joro gusa, niba ari ntabishwe ku manywa agasubiza ko atabihakana, akemera ko we yabonye gusa abantu 3 bishwe ku manywa ari IDRISSA, KAMANDA na INNOCENT, akavuga ko Idrissa bamumuzaniye ashorewe n'abantu ngo bamufatanye ifoto yafatiwe i Kinihira, ngo kandi ko yakundaga Idrissa cyane na we akamukunda, ngo maze mu gushaka uko amukiza agafata icyemezo cyo kumushyira Prefet RENZAHO, ngo ariko yajya kumva akumva isasu riravuze, ngo abajije urashe bamubwira ko ari James, ngo we akora rapport kuri James gusa ;

RUMAZE kubaza mu bagabo n'abaregera indishyi niba hari uzi iby'urupfu rwa Idrissa, hakaza KIBUKAYIRE Asthérie wemeje ko aho yari yihishe yagereranyije nko kuri m 5, yumvise Idrissa wari umaze guhishurwa n'interahamwe za KAMATAMU, zimumuzaniye, Idrissa akabaza KAMATAMU ati  koko ntunzi, uzi ko ndi Inyenzi , ngo KAMATAMU akamusubiza ko amuzi kuri Radio Muhabura, ndetse n'i Kinihira, maze ngo ahita abaza abo bambari be ati :  muracyakora iki ?, ubwo Idrissa agahita yicwa, Urukiko rwabaza KAMATAMU icyo abivugaho agasubiza ko ngo KIBUKAYIRE abeshya ko ngo aho yari yihishe, we (KAMATAMU) agereranya nko kuri m 20 ( yagereranyije intera yereka Urukiko, rutegeka umuntu kuhatera intabwe atera 20) ngo atashobora kumva ibyo KAMATAMU avuga, yabazwa uko abari bazanye Idrissa banganaga akavuga ko barengaga 50, yabazwa niba kugira ngo abwire abantu 50 bumve icyo yavuga uri kuri m 20 atacyumva we agasubiza ko bidashaboka, ngo cyane ko KIBUKAYIRE yari inyuma y'urukuta ; naho uwitwa NTAKABABAZA Thérèse waregeye indishyi avuga ko aho yari yihishe yumvise interahamwe yitwa John yakoranaga na KAMATAMU ( nkuko byemezwa na IRAGENA wamurindaga) ivuga ngo bajye kwinywera inzoga (Liqueur) ngo ka Idrissa bamaze kukica na MUKAKAMAKA Ruth akemeza ko yabonye KAMATAMU agaraguza intumbi igiti kwa GASASIRA, avuga ngo birababaje kuba nta mwana wa GASASIRA waguyemo ;

RUMAZE kumva KAMATAMU abazwa imipfire ya KAMANDA na Innocent agasubizako ngo yumvise abantu basakabaka agatuma umupolisi wamurindaga ari we IRAGENA ngo arebe, ngo yaza akamubwira ko bafashe abo basore bombi, maze ngo KAMATAMU akavuga ko itegeko ari ukubashyira Prefet, ngo babageza hafi y'ishuri rya APACOPE akumva barabarashe ;

RUMAZE kumva abazwa abo yoherezaga kwa Prefet abo ari bo akavuga ngo ni ababaga bafite ibibazo bimurenze, yabazwa ibyo ari byo usibye kuba abatutsi ntagire icyo asubiza, yanabazwa impamvu yabashyiraga Perefe kandi azi ko ari we wakoreshaga amanama akanatanga imbunda zo kwica abatutsi, akavuga ngo ibyo ntiyabivuze, nyamara yakwibutswa ko yivugiye ko imbunda Perefe yatanze ngo ni izo gucunga umutekano ngo kwari ukujijisha, ko ahubwo zari izo kwica abatutsi na none ntasubize ;

RUMAZE kumva abazwa impamvu abaturage yari ashinzwe kurengera ari Konseye wabo bicwa ntagire icyo abikoraho niba ari umwere w'amaraso yabo, agasubiza ko ari umwere ko nta bushobozi yari afite, yabazwa impamvu ateguye ngo hajyeho undi, akavuga ngo Perefe ntiyari kumukundira, yabazwa impamvu yasabye imbabazi niba yumva ari umwere, ngo yazisabiye ko yabuze icyo yakora ngo arengere abicwaga, nyamara Ubushinjacyaha bukavuga ko icyo kibazo KAMATAMU yakishubirije avuga ngo abantu biciwe ku Muhima bose bazamubarweho, bukongera kwibutsa ko yitangiye imbunda avuga ngo ni iz'umutekano kandi azi neza ko ari izo kwica abo batutsi ;

RUMAZE kumva na none MUKUNDUHIRWE Asthérie, waregeye indishyi avuga ko no muri 1993 yashatse kumwica we n'abandi bagore 10, KAMATAMU akabatumira kuri Segiteri hari n'intehamwe zifite imipanga n'abapolisi bafite imbunda, avuga ngo bafite amarozi yo kuroga abahutu, ubwo bigasobanurwa neza na MUKAGATARE Suzane wari Resiponsabule wa Selire Ruhurura, ngo icyo gihe hari mu bihe by'urupfu rwa BUCYANA wari Perezida wa CDR mu gihugu, ngo haje umugore MUKAKAYONDO Eugénie wazanye agapapuro ngo kariho lisiti y'abo bagore bashakaga kuroga abahutu, ubwo ngo KAMATAMU abwira MUKAGATARE ko abo bagore bagomba kwicwa, ubwo ngo ari ku mayeri KAMATAMU yagiranye nuwo MUKAKAYONDO, ndetse n'uwitwa DUSABEMARIYA, maze bakohereza abana babo ngo baze gushinja abo bagore, bavuga ngo urwo rupapuro rwavuye muri Bibiliya y'uwitwa Agnès MUKASHARANGABO, umwe muri abo baregwaga uburozi, ngo hariho na lisiti y'abahutu bagombaga kwicwa, nyamara abo bana bakiyemerera ko batari bazi gusoma, ngo umupolisi abakubise akanyafu bakavuga ko batumwe na ba nyina gushinja abo bagore, ubwo ba nyiri ukuregwa urw'uwo munsi bakarusimbuka, ariko ko aho itsembabwoko ritangiriye bakaba barahigishijwe uruhindu, hakaba harashoboye kurokokamo batatu gusa, maze KAMATAMU yabazwa iby'iyo lisiti ntayihakane, ariko ngo na we yaje gusanga ari amagambo y'abana ;

RUMAZE kumva abandi bagabo benshi bashinja KAMATAMU rukamubaza ibirebana n'ibyangombwa (permis de résidence) ngo yahaga abatutsi ashyizeho akamenyetso ka mod IV (modèle 4) kugira ngo bajye bamenyekana bicwe we akavuga ko ngo atari modèle 4, ahubwo ngo yashyiraga akamenyetso V kuri izo permis kugira ngo amenye abo azihereye ngo kubera ko hari hagaragayemo fraude, nyamara yabazwa niba hari undi wari ufite uburenganzira bwo kuzitanga muri Segiteri agahakana, Urukiko rwabaza MUKAGATARE wari Resiponsabule uko byagenze akavuga ko ba Resiponsabule bazuzuzaga bakazishyira Konseye KAMATAMU we wari ufite uburenganzira bwo kuzisinya, maze ngo we ku z'abatutsi akongeraho kariya kamenyetso n'ikaramu, ubwo KAMATAMU yabazwa aho Fraude yaturutse akabura igisubizo, ngo na we ntiyari ahazi ;

RUMAZE kubaza KAMATAMU kwisobanura ku cyaha cyo kurema umutwe w'abagizi ba nabi aregwa akagihakana ngo we nta bushobozi yari afite nyamara abagabo benshi barimo MUKAGATARE wemeje ko intambara y'itsembabwoko itangiye ngo yavuze ko hakenewe abakozi ba Leta babishoboye, ubwo agashaka abantu ngo yizeye ubwo arema Comité de crise, maze MUKAGATARE we avanwa ku mwanya we, maze KAMATAMU yishyirira za bariyeri mu MUHIMA, akagenda azigenzura, ko yakundaga kuba ari kumwe n'abahungu be na bo bamaze abantu ari bo HABYARIMANA GAPUSI, HABYARIMANA Ephroni ngo n'undi ucumbagira, bose bambaye gisirikari, ngo n'izindi nterahamwe zirimo NKURIKIYE, John bari interahamwe zikomeye nubwo we ahakana ko bafatanyije, nyamara IRAGENA Alphonse Marie wari umupolisi wamurindaga na we akemeza ko yabonaga kenshi John uwo aza kwa

KAMATAMU kenshi, bakiherera baganira akabona ko yabaga aje kumugezaho raporo z'ibikorwa byabo ;

RUMAZE kubona urubanza rukomeza ariko habuzemo umwe mu bacamanza barutangiye kubera uburwayi amaranye igihe kirekire, akaba yasimbuwe n'undi mushya, ibyo bigatuma Perezida w'Urukiko anyura mu magambo make mu nyandikomvugo z'amaburanisha yatambutse no kubaza ababuranyi niba hari icyo bakosora cyangwa bashimangira, ariko kuko ari KAMATAMU waburanye wenyine akaba ari we uhabwa ijambo akongera gutsindagira bimwe mu byo yavugiye mu Rukiko, Ubushinjacyaha bwo bukazemera uko ziri ;

RUMAZE kubona hakomeza kuburana HABYARIMANA Thomas, Ubushinjacyaha bugahabwa ijambo bukavuga muri make ibyaha aregwa n'ibimenyetso byabyo ;

RUMAZE kumva HABYARIMANA abazwa iby'uko yari Perezida wishyaka CDR muri Segiteri MUHIMA, mbere yo gusubiza akabanza gusaba ko hari abantu bahezwa mu rubanza rwe, akavuga abo ari bo nyamara Urukiko rugasanga ari abaregeye indishyi, bityo kubaheza bikaba bitakwemerwa, maze asubiza ikibazo avuga ngo nta shyaka yagiyemo, ngo CDR yayigiyemo ku ngufu, ayiyobora amezi 2 gusa ahita arwara, ko ngo yatanze amakarita y'iryo shyaka atanu gusa, nyamara yabazwa igihe yayiviriyemo, igihe yarekeye kuriyobora n'uwamusimbuye, byose ntabibonere ibisubizo ;

RUMAZE kumva abazwa niba amatwara y'ivanguramoko n'umugambi wa CDR wo kwica abatutsi yari ayazi avuga ko atari azi Statuts z'iryo shyaka, akabazwa ukuntu yayobora ishyaka atarizi kandi ari umuntu uzi ubwenge, wize akaba yari na Chef de Service mu kigo cya Leta (RWANDATEL) ntabone igisubizo ;

RUMAZE kumva asomerwa ubuhamya bw'umugabo yitangiye, ndetse ari na mubyara we, akaba yari yarasabye ko yabarizwa mu muhezo ku buryo ari abagabo bashinja n'abaregera indishyi batamumenya ntibamenye n'ibyo yavuze, uwo akaba ari BARINGE Idrisa, wavuze ko HABYARIMANA yakomeje kuba umuyobozi wa CDR kugeza ubwo itsembatsemba n'itsembabwoko ritangira, kandi ko abantu benshi bamubujije iryo shyaka, HABYARIMANA akanga, BARINGE yabazwa ababujije HABYARIMANA abo ari bo akavuga umusaza witwa MUKWINDI, na we waje kwicwa , BARINGE akanabazwa iby'imitangire y'imbunda ku MUHIMA akavuga ko zari nyinshi, ko atazi abazitanze, ariko ko zitari gutangwa KAMATAMU atabizi, ko afite uruhare rukomeye mu iyicwa ry'abatutsi, yabazwa icyo Abasederi bakoze ku MUHIMA akavuga ko bishe abantu, ko ngo intambara yateye HABYARIMANA ari ku mugore wa kabiri i Remera, ariko ko naho aziye ntacyo azi yakoze ngo ahagarike ubwicanyi bw'abasederi, yabazwa ku ruhare rwa HABYARIMANA nk'umugabo mu rugo ufite abana n'umugore b'abicanyi mu nzu ntababuze akavuga ngo HABYARIMANA yabajije umugore we impamvu bishe KIBINAKANWA kandi ari umuturanyi, ariko ntagire icyo avuga ku bandi ;

RUMAZE kumva HABYARIMANA abazwa ibyiyo mvugo ya mubyara we akavuga koko ko bamububujije kuyobora CDR no kuyivamo, ko ariko batamubwiye impamvu, ndetse n'umwunganira akamubaza muri make icyo Statuts za CDR zavugaga, we agasubiza ko atari azizi, ko yagiye mu ishyaka ku gahato, ko uwayoboye inama yamutoreye ubuyobozi atari amuzi, ko atanagarutse kuyobora indi ;

RUMAZE kumva MUKAGATARE Suzane wavuze ko yavuraga HABYARIMANA Thomas uvuga ko nta ruhare yagize mu bwicanyi, ko yari arwaye, nyamara uwo mugabo akavuga ko yajyaga kumuvura agasanga abarura indangamuntu z'abantu bamaze kwicwa, afite indundo yazo ku meza, ko ndetse na mbere y'uko intambara itera yayoboraga inama za CDR, barashinze ibendera ryayo, baririmba ngo tuzabatsemba, ubwo bakaba ari abatutsi bavugwaga, HABYARIMANA akavuga ko abeshyerwa gusa ;

RUMAZE kumva Ubushinjacyaha buvuga ko kuba yiyemerera ko yayoboye iryo shyaka bihagije, ko atashoboraga kurijyamo atazi ibyaryo no guhiga abatutsi kwaryo ngo ararengera inyungu z'abahutu, ko ibyo HABYARIMANA asubiza byose ari uguhunga kugaragaza uruhare rwe ;

RUMAZE kumva Ubushinjacyaha buvuga ko HABYARIMANA yirengagije gutabara abari mu kaga nta ngaruka byari kumutera, ko uwo yari gukiza wese yari gukira, ko ndetse yavukije n'igihugu umudendezo muri ibyo bikorwa by'ishyaka, maze HABYARIMANA we agasubiza ko nta bushobozi yari afite, ko n'aho agereye mu Muhima nta bandi bapfuye, nyamara abagabo n'abaregera indishyi bakemeza ko hari abantu benshi bapfuye yarahageze ndetse bamwe bakagwa ku irembo ry'iwe na we ahari barimo KAMANDA naho IRAGENA bareganwa we akavuga ko atibuka niba hari abapfuye, HABYARIMANA yaragarutse mu Muhima kuko atibuka amatariki bagiye bapfiraho, ko ndetse umuhungu we GAPUSI ko yasanze KAMATAMU yaramwirukanye, ngo naho undi muhungu we w'umwicanyi akaba atarongeye kuva mu rugo aho se aziye, nyamara MUKAGATARE akavuga ko ibyo byose ari ibinyoma ;

RUMAZE kumva NDAGIJIMANA Innocent abazwa niba ibyo aregwa abyemera, akabihakana, yabazwa impamvu yabyemeye mu bugenzacyaha no bushinjacyaha we akavuga ko yabyemejwe n'inkoni, maze Umushinjacyaha wari mu rukiko ari na we wamwibarije akamunyomoza, yabazwa niba ibyo yavuze ari byo Umushinjacyaha yanditse akemera, ariko ngo yagombaga kubihakana mu rukiko, ibyo akaba ari uko yari yemeye ko yishe abantu babiri atazi amazina ;

RUMAZE kumva abazwa impamvu yibeshyeye mu bugenzacyaha, niba yaba yarahakubitiwe impamvu yabyongeye mu bushinjacyaha butamukubise akavuga ngo yari yahahamutse ;

RUMAZE kumva abazwa impamvu ahuza na KAMATAMU wavuze ko NDAGIJIMANA yari interahamwe izwi cyane, we akavuga ngo yabyemera ari uko KAMATAMU abivugiye imbere ye, uwo munsi KAMATAMU akaba atari yitabye kuko yari mu bitaro ;

RUMAZE kumva abazwa impamvu yajyaga kuri bariyeri azi n'inshingano zayo, n'impamvu yahungutse ntatahe iwe agasubiza ko yagiye kuri bariyeri ku ngufu, ko atari azi inshingano zayo, kandi ko yanze gutaha iwe kuko abaturage bamuteraga ubwoba ;

RUMAZE kumva uwitwa IRAGENA Alphonse abazwa niba ibyo aregwa abyemera, akabihakana, maze Urukiko rugaha Umushinjacyaha ijambo ngo abisobanure akavuga ko IRAGENA wari Umupolisi urinda KAMATAMU bafatanyije ubwicanyi, ndetse na KAMATAMU ubwe akaba amushinja ;

RUMAZE kumva umwe mu baregeye indishyi avuga ko IRAGENA ubwe yajyanye umwana witwaga Narcisse bari bihishe ahantu hamwe akajya kumwica, ibi ndetse bikongera

kwemezwa n'undi mugabo, MUKAKIMENYI, IRAGENA yitangiye ubwe, ariko IRAGENA we agahakana avuga ko ngo na we yihishaga kubera ko interahamwe zakoranaga na KAMATAMU ari zo NKURIKIYE, John n'izindi ngo zashakaga kumwica, ndetse ngo akaba yari arwaye naho KAMATAMU we akavuga ko ngo ibyo yashinje IRAGENA yabyemejwe n'inkoni ;

RUMAZE kumva na none IRAGENA abazwa ku byo undi mugabo yitangiye ari we BALINGE Idrissa, ndetse yanamusabiye kubarizwa mu muhezo, akavuga ko IRAGENA yishe umuntu, n'ubwo ngo we atabihagazeho ariko abantu b'aho bose bavuze ko yishwe n'IRAGENA, ariko we akavuga ngo ubwo yabivuze kubera ubwoba, ngo noneho azaze abivugire mu ruhame ;

RUMAZE kumva undi mugabo yitangiye ari we MUKAKIMENYI Olive akivugira ko we yarebaga IRAGENA buri gihe, agenda yirukankana n'izindi nterahamwe, akavuga abantu bavumbuye areba, IRAGENA ari muri abo bavumburaga, bakica KAMANDA, Innocent, Idrissa n'abandi benshi, ko IRAGENA atari arwaye nk'uko abibeshya, maze IRAGENA yabazwa icyo abivugaho akavuga ngo hanze bafite akagambane gusa ngo bose baramubeshyera ;

RUMAZE kumva abaregera indishyi bose bavuga izo bifuza nk'uko bigaragara ku mbonerahamwe yakozwe mu gihe Urukiko rwazibageneraga usibye MUKAGATARE Suzane utaratanze ibyangorabwa bisabwa n'urukiko, bose bazirega KAMATAMU na Leta y'u Rwanda usibye NIKURE Bemadette wazireze Leta y'u Rwanda na IRAGENA Alphonse Marie, bose bashingira ku bibi bagiriwe bicirwa abantu banasahurwa, naho kuri Leta bagashingira ko abo bari abakozi bayo, ko bakoze ibibi bayikorera, kandi ko iyi Leta yasimbuye iyari iriho ; muri uru rubanza usibye kuruca ;

RUMAZE kubona nta yindi ngingo isigaye gusuzumwa muri uru rubanza usibye kuruca ;

RUSANZE Ubushinjacyaha bwararuregeye abantu bakurikira bubakurikiranyeho ibyaha bivugwa kuri buri wese :

1. KAMATAMU Euphrasie wari Konseye wa Muhima, uregwa :

a) gutegura no gushyira mu bikorwa icyaha cy'itsembabwoko n'itsembatsemba ;
b) kwirengagiza gutabara abari mu kaga nta ngaruka mbi byari bumutere ;
c) kurema imitwe y'abagizi ba nabi ;
d) ubuhotozi (n'ubwo kitanditse ku mpapuro zimutumira kuburana ariko akaba yariyemereye kukiburana)
e) gukwirakwiza imbunda mu buryo butemewe n'amategeko ;
f) kuyogoza igihugu bica bitsemba imbaga ;
g) gutanga inkunga ya ngombwa ku cyaha cy'itsembabwoko n'itsembatsemba bihanishwa itegeko-ngenga n° 08/96 du 30/6/1996, ingingo za 89, 90, 91 CPRL.II ;

2.NDAGIJIMANA Innocent uregwa :

a)itsembabwoko n'itsembatsemba ;
b)kurema umutwe w'abagizi ba nabi ;
c)ubuhotozi ;

3.IRAGENA Alphonse Marie uregwa :

a)itsembabwoko n'itsembatsemba ;
b)kurema umutwe w'abagizi ba nabi ;
C)ubuhotozi ;

4.HABYARIMANA Thomas,wari Perezida wa CDR ku Muhima,uregwa :

a)itsembabwoko n'itsembatsemba ;
b)kurema umutwe w'abagizi ba nabi ;
c)ubuhotozi ;
d)kudatabara abari mu kaga nta ngaruka mbi byari kumutera;
e) Kuyogoza Igihugu bica bitsemba imbaga,

RUSANZE na none hari abantu benshi baregeye indishyi ariko hakaba harimo bamwe batatanze ibyangombwa bikenewe, hari abatanze ibyangombwa, ariko batavuze indishyi bifuza mu iburana, kimwe n'abasabye indishyi ku byononwe cyangwa ibyasahuwe ariko nta bimenyetso byabyo nta n'abagabo, abaregeye indishyi bose kandi bakaba bazikurikiranye kuri KAMATAMU na Leta y'u Rwanda usibye NIKURE Bemadette wenyine uzikurikiranye kuri IRAGENA Alphonse na Leta y'u Rwanda ;

1.Kuri KAMATAMU

RUSANZE icyaha cy'ubuhotozi kimuhama, dore ko na we yacyiyemereye mu bugenzacyaha no mu bushinjacyaha, kandi akaba ubwe yaratanze intwaro azi ko ari izo kwica abantu, we akaba yemera ko yatanze eshanu gusa, kandi kuba itsembabwoko n'itsembatsemba byarateguwe, bikaba bitari gukorwa muri Segiteri ayobora atabizi, atabifitemo uruhare ngo akomeze abe Konseye, dore ko Umuyobozi wo muri urwo rwego wangaga gushyigikira ubwicanyi yavanwaga kuri uwo mwanya cyangwa akicwa ; ibyo yitwaje aburana rero ngo yemeye icyaha cy'ubuhotozi mu bugenzacyaha ari ukubera agahato, yabazwa impamvu yacyemeye mu bushinjacyaha agasubiza ko ngo ari ukubera ko yari yemereye Umugenzacyaha ko atazabihindura mu bushinjacyaha kandi uwo mugenzacyaha waba waramushyizeho agahato ataramukurikiranyeyo, ibyo akaba ari amatakirangoyi ; bityo akaba agomba guhanirwa icyo cyaha ;

RUSANZE icyaha cyo kwirengagiza gutabara abari mu kaga adashobora kugikurikiranwaho, kubera ko niba akurikiranweho kwica abatutsi, ataryozwa no kubatabara ngo byombi abikore icyarimwe ;

RUSANZE icyaha cyo kurema imitwe y'abagizi ba nabi na cyo kimuhama kubera ko yayoboye interahamwe n'abandi bicanyi bamufashaga muri ayo mahano barimo abitwa ba NKURIKIYE, ba SIMPARINKA, abo yakoreshaga ngo bayobora irondo (reba lisiti muri dosiye) abamurindaga, ndetse n'abana be ubwe bitaga GAPUSI, HABYARIMANA Ephroni n'abandi ndetse akanabihera n'intwaro zo kurangiza uwo mugambi mubisha ;

RUSANZE icyaha cyo gukwirakwiza intwaro ku buryo butemewe n'amategeko na cyo kimuhama nk'uko byavuzwe muri Rusanze zo haruguru ;

RUSANZE icyaha cyo kuyogoza igihugu bica bitsemba imbaga na cyo kimuhama kubera kuyobora ubwicanyi muri Segiteri MUHIMA yose basahura banasaka ahari umututsi hose n'uwo bitaga icyitso, bamubona agahita yicwa bigatuma Muhima yose icura imiborogo ,

RUSANZE icyaha cyo gutanga inkunga ya ngombwa mu itsembabwoko n'itsembatsemba nk'uko Ubushinjacyaha bwacyanditse kidasobanutse, Ubushinjacyaha na bwo bukaba butarashoboye kugisobanurira Urukiko no kugitandukanya n'icyitsembabwoko n'itsembatsemba bwamureze na bwo bukavuga ko kibaye kidasobanutse Urukiko rutakimuhanira, bityo rukaba rukimuhanaguyeho ;

RUSANZE icyaha cy'itsembabwoko n'itsembatsemba kimuhama kuko umugambi wo kwica ndetse no kuwushyira mu bikorvia byari bigenewe abatutsi n'abandi batavugaga rumwe n'ubutegetsi bwariho, bityo bakaba barishwe hagamijwe gutsemba ubwo bwoko bukazima burundu, ndetse akaba yarabahaga n'ibyangombwa (permis de résidence) ashyizeho akamenyetso kabaranga kiswe modèle IV kugira ngo bajye bamenyekana bicwe ,

2.Kuri NDAGIJIMANA Innocent

RUSANZE icyaha cyo kurema umutwe w'abagizi ba nabi kimuhama, dore ko na we yemera ko yabaye kuri bariyeri yo kuri YAMAHA (Muhima), n'ubwo abeshya ngo nta bantu bahaguye nyamara bizwi ko haguye abantu benshi cyane nk'uko abagabo babajijwe babyemeza, abandi bakemeza ko yagaragaye no mu bitero bindi ari kumwe n'IRAGENA Alphonse n'abandi bicanyi ;

RUSANZE icyaha cy'ubuhotozi kimuhama na cyo, dore ko yanacyiyemereye mu bugenzacyaha no bushinjacyaha, n'ubwo yavuze ngo ni ku gahato, Umushinjacyaha baburanye ari na we wamwibarije akamusaba gusobanura agahato yamushyizeho ako ariko akakabura ; kikamuhama na none kuko yemeye ko ngo yishe abantu babiri gusa na bo ngo atazi amazina, n'ubwo mu by'ukuri atari abo gusa, dore ko hari n'umugabo (MUKUNDUHIRWE) umushinja ko yamwiboneye amwicira umugabo ;

RUSANZE icyaha cy'itsembabwoko n'itsembatsemba na cyo kimuhama dore ko abo yemera ko yishe n'ubwo avuga ko atabazi ariko yari azi ko ari abatutsi, kandi iyo bariyeri yabo ikaba yari iyo gutangira abatutsi no kubica, kandi koko bakaba barabikoze mu mugambi wo kubatsemba burundu ;

3. Kuri IRAGENA Alphonse Marie

RUSANZE icyaha cyubuhotozi kimuhama, dore ko yacyemeye mu bugenzacyaha, KAMATAMU ubwe na we akaba akimushinja aho avuga ko we ubwe yamwibwiriye ko yasonze MUKANKINDI amusanze kuri APACOPE (ndetse IRAGENA akaba yariyemereye ko bahiciye abandi benshi bagera kuri 300) akicisha n'undi ikaramu, abagabo babajijwe, barimo n'abitangiwe n'abaregwa na bo barakimuhamya, barimo uwo basabye ko abarizwa mu muhezo, akavuga ko hari intumbi yabonye, abari aho bose bavuga ko yishwe n'IRAGENA ; hari ndetse n'undi mugabo yitangiye ubwe ari we MUKAKIMENYI, IRAGENA avuga ko yakijije, ariko uwo mugabo wari utuye imbere yo kwa KAMATAMU, akavuga ko yabonaga n'amaso ye IRAGENA agenda ahiga abantu mu mazu, hamwe n'izindi nterahamwe zavuzwe nka ba NKURIKIYE, bakabazana bakicwa, naho ibyo yitwaza ko ngo yari arwaye ari

amatakirangoyi, kuko uwo mugabo atigeze abona arwaye kandi yaramubonaga buri gihe, ari aho ku irembo ryo kwa KAMATAMU cyangwa aje iwabo dore ko ngo yahazaga kenshi ;

RUSANZE icyaha cyo kurema umutwe w'abagizi ba nabi na cyo kimuhama kubera ko yakoranye n'abandi bagizi ba nabi barimo ba John, ba NKURIKIYE ndetse na bene HABYARIMANA na KAMATAMU na NDAGIJIMANA mu mugambi wo kwica abantu, abizi, abishaka kandi koko abantu bakicwa ;

RUSANZE icyaha cy'itsembabwoko n'itsembatsemba na cyo kimuhama kubera ko abo yishe bose bari abatutsi hagamijwe kubatsemba burundu ;

4.KURI HABYARIMANA Thomas

RUSANZE icyaha cyo kurema umutwe w'abagizi ba nabi kimuhama, kuko yari Umuyobozi w'icyari ishyaka CDR kuva rikemerwa n'ubutegetsi bwariho, nyuma rikaza kugaragaza ko rigamije kuzatsemba abatutsi, nabwo agakomeza akariyobora, aho ku Muhima rikaba ryari rigizwe n'agatsiko k'abantu bari bakunze kwita abasederi biririrwaga baririmba ko bazatsembatsemba abatutsi, agakomeza akariyobora , naho kwitwaza ko ngo atari azi ko ari byo rigamije akaba ari amatakirangoyi, dore ko n'incuti ze, harimo mubyara we (wabajijwe) n'uwitwa MUKWINDI, aho baboneye iby'icyo kintu kiyita ishyakâ baramusabye kukivamo no kureka kukiyobora akanga, ahubwo agakorana n'umugore we wari Konseye n'interahamwe ze nazo zakoranaga n'abo basederi ;

RUSANZE icyaha cy'ubuhotozi na cyo kimuhama, dore ko yagikozemo ubufatanyacyaha bukomeye mu manama yateguraga kuzica abatutsi yakoranye n'agatsiko ke, no kuba mu rugo rwe rwose rugizwe n'umugore, abana HABYARIMANA Gapusi, HABYARIMANA Ephroni n'abandi bose b'abicanyi, ntabibabuze, dore ko n'umugore we abimuhamya aho yabajijwe ati  Umugabo wawe yakugiraga iyihe nama  agasubiza ati : na we nta yindi nama yari kungira kuko na we yari Umusederi mu yandi magambo bigasobanura ko yari ashyigikiye abo bantu be b'abicanyi, n'ubwo ngo yaba yaririrwaga imuhira arwaye, ariko umugabo wabajijwe, MUKAGATARE ngo yari yarategetse ko atazicwa kubera ko yamuvuraga bityo akajya iwe kenshi, yahamije ko yasangaga abarura indangamuntu z'abishwe, yishimira ubwinshi bwazo, kimuhama na none ubwo mu iburana rye yemeye ko yasanze imbunda iwe mu rugo, ndetse ngo imwe umwana we HABYARIMANA Ephroni ngo akaba yarayikinishaga, kandi abagabo bavuga ko uwo muhungu we yayigendanaga yica, naho we ngo ni ukuyikinisha kandi atarayobewe ko ayicisha abantu, atari n'igitambambuga cyo gukinisha imbunda ;

RUSANZE icyaha cyo kudatabara abari mu kaga nta ngaruka mbi byari kumugirira atagomba kukiryozwa mu gihe aregwa ubwicanyi, atakwica abantu anabatabara ;

RUSANZE icyaha cyo kuyogoza igihugu bica bitsemba imbaga na cyo kimuhama kubera ko byakozwe n'ako gatsiko ke yatoje, ndetse n'abana be, uwabigaragayemo cyane ari HABYARIMANA Gapusi akaba avuga ngo yari yaramunaniye ataba iwe nyamara abagabo bose babajijwe bakavuga ko atigeze ahava, barimo uwo MUKAGATARE wahagendaga, uwo mwana akaba yari akiri mineur, kuba ntacyo yakoraga ngo amubuze bikaba ari byo bituma yitwaza ko ngo yari yaramunaniye ataba iwe, kandi ahubwo ari we wari umushyigikiye hamwe na nyina, bityo ibyo ako gatsiko ke kakoze akaba agomba kubiryozwa ;

RUSANZE na none icyaha cy'itsembabwoko n'itsembatsemba na cyo kimuhama kubera ko yariteguye, ndetse akanarishyira mu bikorwa, dore ko agatsiko ke kari kariteguye kuzatsemba abatutsi, ndetse mu mihigo yako kararirimba ko kazafatanya na we nk'uko na none umugabo wabajijwe MUKAGATARE abihamya, ako gatsiko kakaba karanabishyize mu bikorwa koko kakica abatutsi mu mugambi wo kubatsemba burundu ; ibyo kwitwaza ko ryatangiye (le 7/04/1994) adahari akaza kuza nyuma bikaba ntacyo byagabanya ku ruhare rwe mu itsembabwoko n'itsembatsemba byo mu Muhima, dore ko yari yariteguye, naho kuba yari yaraye ku wundi mugore we i Remera, atagaragaje ko ariho yabaga, cyangwa se yari kugumayo, n'ubwo no kuhaguma bitari gusiba ibyo kuba yarariteguye ;

RUSANZE iby'indishyi na byo kubazikurikiranye kuri Leta y'u Rwanda, KAMATAMU n'IRAGENA bifite ishingiro kubera ko KAMATAMU n'IRAGENA bakoze itsembabwoko bitwaje imyanya ya Leta bari bafite (umwe ari Konseye undi ari Umupolisi) kandi bakora mu izina ryayo na yo ibizi ntibahane cyangwa ngo ibabuze kuko ari yo yari yabatumye, iyi Leta yasimbuye iyo rero ikaba igomba kubyishyura kuko yasimbuye iya mbere kuri byose ,

Ku bihano
USANZE ibikorwa KAMATAMU yakoze bimushyira mu rwego rwa mbere nk'uko biteganywa n'ingingo ya 2 (urwego rwa mbere uduce a na b ) ya L.O.n° 08/96 du 30/8/96 ;

RUMUHANISHIJE igihano cyo kwicwa, akanatanga miliyari 3 zo kwishyura ibyangijwe mu gihugu hose hakurikijwe ingingo ya 30 y'iryo tegeko ngenga, no kwamburwa burundu uburenganzira bwose umuntu agira mu gihugu ;

RUSANZE ibikorwa bya NDAGIJIMANA Innocent bimushyira mu rwego rwa kabiri, akaba ahanishijwe gufùngwa burundu no kwamburwa burundu uburenganzira buvugwa mu ngingo ya 66 uduce 2°, 3°, na 5° y'igitabo cy'amategeko ahana, akaba nta mafaranga azatanga yo kwishyura ibyangijwe mu gihugu hose kubera ko bidateganyirijwe uru rwego ;

RUSANZE ibikorwa bya IRAGENA Alphonse na we bimushyira mu rwego rwa kabiri, akaba ahanishijwe igifungo cya burundu, kwamburwa burundu uburenganzira buvugwa mu duce twa 2°, 3° na 5° tw'ingingo ya 66 y'igitabo cya mbere cy'amategeko ahana, na we akaba atazatanga amafaranga yo kuriha ibyangijwe mu gihugu hose kubera impamvu yavuzwe haruguru;

RUSANZE ibikorwa bya HABYARIMANA Thomas bimushyira mu rwego rwa mbere agace ka a na b, ahanishijwe kwicwa no kwamburwa burundu uburenganzira bwose umuntu agira mu gihugu, gutanga 700.000.000 FRW yo kuriha ibyangijwe mu gihugu hose ;

RUSANZE abaregeye indishyi bose batanze ibyagombwa bikenewe kandi banavuze izo bifuza bagomba kuzihabwa, kimwe n'abasahuriwe cyangwa bangirijwe ibintu babitangiye gihamya, zikaba zigomba kuryozwa KAMATAMU na Leta y'u Rwanda, usibye iza NIKURE Bemadette zizatangwa n'IRAGENA na Leta y'u Rwanda, abandi batujuje ibyangombwa bakazaziregera mu rundi rubanza, Urukiko, mu bwitonzi bwarwo rukaba ruzigennye mu buryo bukurikira :

Indishyi zagenwe haherewe ku basabye nke, kandi Urukiko ntirwashatse kuzisumbanya, bityo uwapfakajwe akagenerwa 6.000.000 FRW, uwatakaje umubyeyi, umwana cyangwa

umwuzukuru agenerwa 4.000.000 FRW, uwatakaje umuvandimwe 2.000.000FRW ;

UREGERA INDISHYI INDISHYI YIFUZA UWISHWE UTUMA AZAKA NA/CYANGWA AGACIRO K'BYASAHUWE ISANO BAFITANYE IZO AGENEWE N'URUKIKO
l.NYIRABAGENI Budensiyana
2.KAMANZI Antoniya n'Umuhoza (uhagarari we na KAMANZI)

3.UWIZEYIMANA Charles yatanze imyanzuro 2, hafashwe uw'Avocat Uhagarariye n'umwana wa
GASHEMA, na babiri ba Usabyeyezu

4.UMULINGA Chantal

5.MUTESA Grâce (uva inda imwe n'Umulinga)

6.KAYIGANWA J.Claude na we uva inda imwe n' UMULINGA

7. MVUYEKURE François

6.000.000

8.000.000

10.000.000

10.000.000
kuri we
15.000.000 ku mwana wa Gashema
25.000.000
ku bana ba
Usabyeyezu

4.000.000
4.000.000
2.000.000

2.000.000

Asaba kandi agenewe nk' ay'Umulinga
na we asaba kandi agenewe nk' ay'Umulinga

2.000.000

2.000.0000

27.888.300 MUKANDUGARURA Domitira KANYONGA Kansilde
KANYONGA Kansilde

GASHEMA na USABYEYEZU

"

"

Ruhambiransina
Mukankombe
NGABONZIZA
NGOGA

_

_

MUGABO Innocent (nta byangombwa)
SHANGE Elizar (nta yangombwa
Ibyasahuwe- murumuna we

Umukobwa we

Umwana wasizwe na KANYONGA

Abavandimwe kuri se na nyina

Imfubyi ya GASHEMA
Imfubyi y'Usabyeyezu

Se w'Umulinga
Nyina
Musaza we
Musaza we

_

_

Umuvandimwe we
"

2.000.000FRW

4.000.000FRW

4.000.000 FRW
__________
8.000.000 RW

2.000.000 buri wese
4.000.000 FRW

4.000.000FRW kuri buri wese
8.000.000 FRW
______________
16.000.000 Frw

4.000.000 FRW
4.000.000FRW

2.000.000 FRW
2.000.000 FRW
____________
12.000.000 FRW

12.000.000 FRW

12.000.000 FRW

_

_

20.000.000 FRW

8.SENYANA
Désiré

9.NZAMWITA Anastasie (umugore wa SENYANA

10.SIBOMANA Etienne

11.Rutayisire Philémon(umuvandimwe wa
SIBOMANA)
12.Mukamurara Ancilla

13.KANZIGA Thérèse (nta
byangombwa by'abapfuye)
14.Mukunduhirwe
4.000.000
4.000.000

4.000.000
4.000.000
3.753.000

2.000.000
2.000.000

aganewe nk'aya SIbomana

agenewe nk'aya SIbomana

2.825.000

6.000.000
4.000.000 kuri buri mwana
yasigaranye, bose ni 5 :
20.000.000
4.221.000
KAYIGAMBA Gaëtan
Shyaka Antoine

(idem)

ibyasahuwe kwa KAYIGAMBA
no kwa SHYAKA

KAYIGAMBA Gaëtan
Shyaka Antoine

-

-

ibyasahuwe

Mbaraga Viateur
"

Ibyasahuwe Umuhungu we

" "

idem

umuvandimwe we -
umuvandimwe we

-

umugabo we -
abana be 4.000.000
4.000.000
8.000.000

4.000.000
4.000.000
2.500.000
10.500.000

2.000.000

2.000.000
4.000.000

4.000.000

4.000.000

2.000.000

6.000.000
20.000.000

3.000.000
29.000.000

15.MAKUZA Jean J. M.V
16.KAMPOGO Clément

17.MUSABYEYEZU Odette

18.NYIRANDAYISHIMIYE Espérence

19.MUKARWERA Immaculée

20.NIKURE
Bemadette

2.000.000

4.000.000 ku mpfubyi
yasizwe na J.Prudence

2.853.500

6.000.000

6.000.000
500.000 pour muramu we
Félix (nta byangorabwa)
5.750.000

6.000.000
4.000.0 kuri buri mwana
muri batanu yasigaranye
20.000.000
1.605.000

6.000.000
MUKARUSINE Marie Grâce
KAMPONGO Jeanne Prudence
"

Ibyasahuwe

NIYONSABA Vénantie
Rukeratabaro Vénuste

ibyasahuwe n'inzu yasenywe

Munyentwali
"

ibyasahuwe

NDUNGUTSE J.Bosco
mushiki we

mushiki we
umwana we

Umuvandimwe

umugabo we

umugabo we
Se w'abana batanu

-

umugabo we
2.000.FRW

2.000.000 FRW
4.000.000 FRW
1.800.000 FRW
7.800.000

2.000.000 FRW

6.000.000 FRW

4.000.000 FRW
10.000.000 FRW

6.000.000 RW

20.000.000

1.000.000 FRW
27.000.000

6.000.000 FRW

21. GAKWAYA Bénoite n'abama
be babiri

22.MUREKATETE Spéciose(uhagarariye umuryango we wose)
N.B. usibye KAYITESI Liliane,abandi bose ni bakuru, kandi nta byangombwa byaKAYITESI byatanzwe

23.MUKASE Jeanne

24.MUKABYAGAJU Grâce

25.MUKAMABANO

26 RWAGASANA Charles
29.NTAKABABAZA

20.000.000
N.B. (ntabimenyetso ku byasahuwe)

30.000.000
20.000.000

25.000.000 kuri we n'imfubyi eshatu yasigaranye
Nta bimenyetso by'ibyasahuwe

4.823.000
Nta ndishyi ku bapfuye yasabye
6.000.000

6.000.000
Nta bimenyetso by'ibyasahuwe yatanze MAYERE MUNYAKAZI Eustache

GASANA Gérard
MUGORUKEYE Aulérie
GASANA Benjamin

GASHUGI Léonce

Ibyasahuwe

KANYAMIBWA Claver
GAHONGAYIRE umugabo we

Se
Nyina
musaza we

umugabo we (na se w'abana basigaye)

umugabo we

mushiki we 6.000.000 (k'umugore)
8.000.000 ku bana bombi

---

14.000.000FRW

4.000.000FRW
4.000.000FRW
2.000.000FRW

---

10.000.000 FRW zigenewe MUREKATETE, abandi baziregere ku giti cyabo

6.000.000
(kuri se )
12.000.000
(ku bana )

18.000.000

3.500.000 FRW

6.000.000 FRW

2.000.000FRW

27.HAKIZA Hélène

28.GAHUTU Eugène

29 NTAKABABAZA

30.MUKAMWIZA Béatrice
31.NYIRAMBANZA Bélancille

32.MUKAMUSONI Suzane

33.NTAGANDA Amiel

34.CYANZAYIRE

35.MUKANYONGA Asthérie
10.000.000

10.000.000

10.000.000

6.000.000

5.000.000

10.000.000

6.000.000

10.000.000
2.080.000
10.000.000

10.000.000

20.000.000
ku bana n'umwuzukuru basigaye (5) Camionette 2 peugeot 504 n'inka 30 za kijyambere zifite inyana. MUNYANGEYO John
KAMANDA Déo

MARARA
RWABUNANGA

MuUsabyimana John

ubumuga yagize

BAGABO Etienne

Bisengimana Paul

MUKWINDI Jean
Umushahara w'umugabo kugeza ubu. ibyangiritse
(nta gihamya)
MUKULIRA
- umugabo we

umuvandimve

abahungu be

musaza we

umugabo we

umuhungu we
umugabo we

umugabo we

-
- 6.000.000 FRW-

2.000.000 FRW

4.000.000 FRW
4.000.000FRW

---

8.000.000 FRW
2.000.000 FRW

1.000.000FRW

6.000.000 FRW

4.000.000FRW
6.000.000FRW
2.080.000FRW

---

8.080.000 FRW

6.000.000FRW
20.000.000FRW
10.000.000FRW

36.000.000 Frw

KUBERA IZO MPAMVU ZOSE RUBONYE MU RUHAME,ABAREGWA,N'ABAREGERA INDISHYI BAHARI,LETA IREGWA INDISHYI IDARARI,

RUSHINGIYE ku Itegeko-Shingiro rya Repubulika yu Rwanda nk'uko ryavuguruwe kuwa 16/l/1996 ;

1. Ku Masezerano y'Amahoro y'Arusha muri Protocole d'accord entre le Gouvemement Rwandais et le FPR portant sur le partage du pouvoir, ingingo za 25 na 26,

2.Ku Itegeko Nshinga, ingingo 12, 14, 16, 22, 23, 33, 92, 95 ;

RUSHINGIYE ku itegeko-teka n° 09/80 ryo kuwa 7/7/1980 rishinga imitunganyirize n'ububasha by'inkiko, ingingo za 6, 12, 76, 104, 129, 199, 200 ,

RUSHINGIYE ku itegeko-ngenga n°08/96 ryo kuwa 30/08/1996 rigena imitunganyirize y'ikurikirana ry'ibyaha bigize icyaha cy'itsembabwoko n'itsembatsemba cyangwa ibyaha byibasiye inyokomuntu, ingingo za 1, 2, 3, 14, 17, 27, 29, 30 ;

RUSHINGIYE ku ngingo za 16, 17, 58, 59, 71, 73, 76, 83, 84, 138 z'igitabo cy'amategeko agenga imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha ;

RUSHINGIYE ku ngingo za 89, 90, 91, 168, 256, 283, 312 z'igitabo cy'amategeko ahana y'u Rwanda ;

RUSHINGIYE ku Masezerano Mpuzamahanga yo kuwa 9/12/1948 yerekeranye no kwirinda no guhana icyaha cy'itsembabwoko n'itsembatsemba ;

RWEMEYE kwakira no gusuzuma ikirego rwashyikilijwe n'Ubushinjacyaha, n'iby'abaregera indishyi, kuko byaje mu buryo bwemewe n'amategeko ;

RUSHYIZE KAMATAMU Euphrasie mu rwego rwego mbere rw'abakoze icyaha cy'itsembabwoko n'itsembatsemba ;

RUMUHANISHIJE igihano cyo kwicwa kwamburwa burundu uburenganzira bwose umuntu agira mu gihugu ;

RUMUTEGETSE gutanga miliyari eshatu (3.000.000.000FRW) yo kwishyura ibyangijwe mu gihugu hose.

RUSHYIZE NDAGIJIMANA Innocent mu rwego rwa kabiri rw'abakoze icyaha cy'itsembabwoko n'itsembatsemba ;

RUMUHANISHIJE gufungwa burundu ; no kwamburwa burundu uburenganzira bukurikira umuturage agira mu gihugu :

- Kubuzwa ububasha bwo gutanga amajwi, bwo gutora, bwo gutorwa, mbese mu mvugo irambuye kubuzwa uburenganzira bwose umuntu afite mu gihugu n'ubwerekeye politiki n'ubwo kwambara impeta .

- Kutemererwa kuba umuhamya mu by'ubuhanga, n'umugabo mu byemezo no mu manza, uretse kuba yasiganuzwa bamupererezaho ;

- Kubuzwa uburenganzira bwo gutwara intwaro, kuba umusirikare, umupolisi, kuyobora ishuri, kwigisha, kuba professeur, umwigisha, umwarimu cyangwa kugenzura amashuri ;

RUSHYIZE IRAGENA Alphonse Marie mu rwego rwa kabiri rw'abakoze icyaha cy'itsembabwoko n'itsembatsemba ;

RUMUHANISHIJE gufungwa burundu no kwamburwa burundu uburenganzira bukurikira :

- Kubuzwa ububasha bwo gutanga amajwi, bwo gutorwa, mbese mu mvugo irambuye kubuzwa uburenganzira bwose umuntu afite mu gihugu n'ubwerekeye politiki n'ubwo kwambara impeta ;

- Kutemererwa kuba umuhamya mu by' ubuhanga, n'umugabo mu byemezo, no mu manza uretse kuba yasiganuzwa bamupererezaho ;

- Kubuzwa uburenganzira bwo gutwara intwaro, kuba umusilikali,Umupolisi, kuyobora ishuli, kwigisha, kuba Professeur, umwigisha, umwalimu cyangwa kugenzura abanyeshuli ;

RUSHYIZE HABYARIMANA Thomas mu rwego rwa mbere rw'abakoze icyaha cy'itsembabwoko n'itsembatsemba ;

RUMUHANISHIJE igihano cyo kwicwa no kwamburwa burundu uburenganzira bwose umuntu agira mu gihugu ;

RUMUTEGETSE gutanga miliyoni magana arindwi (700.000.000FRW) yo kuriha ibyangijwe mu gihugu hose ;
**HABYARIMANA, Urukiko rwa mbere rwIremezo rwa Kigali, Urugereko rwihariye rwa Kigali, Ikiza ryimanza mu ruhame ryo kuwa :17/07/98**

KAMATAMU Euphrasie et csrts
Tribunal de Première Instance de Kigali, Chambre Spécialisée
Jugement du 17 juillet 1998

KAMATAMU Euphrasie
Urukiko rwa mbere rwIremezo rwa Kigali, Urugereko rwihariye rwa Kigali
Ikiza ryimanza mu ruhame ryo kuwa :17/07/98

R P. 014/CSKI97 RMP. 5833/ Sl2/NRV et RP 032/ CS/ Kig. RMP 6509/S12/NRV
URUKIKO RWA MBERE RWIREMEZO RWA KIGALI, URUGEREKO RWIHARIYE RWA KIGALI, RUHABURANISHIRIZA IMANZA ZIBYAHA BY'ITSEMBABWOKO N'ITSEMBATSEMBA NIBYAHA BYIBASIYE INYOKOMUNTU, N'IBINDI BYAHA BIFITANYE ISANO RWAKIJIJE IZI MANZA MU BURYO BUKURIKIRA :

ikiza ryimanza mu ruhame ryo kuwa :17/07/98

Haburana :

Ubushinjacyaha

na

1. KAMATAMU Euphrasie, wavukiye i Kagano muri Perefegitura ya Cyangugu mu mwaka w' 1944, mwene KABUZUBUGUZI Calixte na KABUKESHA Angeline ubu akaba atuye ku Muhima, KominiNyarugenge, Perefegitura ya Kigali y'Umujyi, umunyarwandakazi,

washakanye na HABYARIMANA Thomas bakaba bafitanye abana 7, yari Konseye wa Segiteri Muhima mbere no mu gihecy'intambara. Nta kindi cyaha kizwi yakoze.

2. NDAGIJIMANA Innocent, wavukiye i Ndusu muri Perefegitura ya Ruhengeri mu mwaka w'1959, mwene GAFIRIGI na NYIRAKAJE Espérance washakanye na UKANYI bafitanye abana 4, atuye kuMuhima, Komini Nyarugenge, Perefegitura ya Kigali yumujyi, ni umunyarwanda, ufite umwuga w'ubuhinzi kandi nta kindi cyaha kizwi yakoze.

3. IRAGENA Alphonse Marie, wavukiye i Butaro muri Perefegitura ya Ruhengeri mu mwaka w'1968, mwene MICUNGO Jean na NYANGOMA Catherine, washakanye na MUKASHEMA Dative, umupolisiwa PVK mu gihe cyitsembatsemba n'itsembabwoko, umunyarwanda, nta kindi cyaha kizwi yakoze.

4. HABYARIMANA Thomas, wavukiye muri Segiteri BUGEZA, Komini GAFUNZO, Perefegitura ya CYANGUGU, mu mwaka w'1939, mwene KAVURA Konkoride na NYIRAMIKENKE Anastasie, umunyarwanda washakanye na KAMATAMU Euphrasie, bakaba bafitanye abana 7, yari Perezida w'ishyaka C.D.R mu rwego rwa Segiteri ku MUHIMA, akaba n'umukozi wa RWANDATEL. Nta kindicyaha kizwi yakoze.(Agent de RWANDATEL).

Ibyaha baregwa:

Kuri KAMATAMU Euphrasie

- Kuba ari muri Segiteri Muhima, Komini Nyarugenge, Perefegitura ya Kigali yUmujyi, muri Repubulika y'u Rwanda, ayobora Segiteri Muhima hagati y'ukwezi kwa 10/90 n'ukwa 6/94, ari gatozicyangwa ari icyitso cyabandi, yarateguye kandi agashyira mu bikorwa itsembatsemba n'itsembabwoko, icyo cyaha giteganywa kandi kigahanishwa :

* Amasezerano Mpuzamahanga yo kuwa 9 Ukuboza 1948 yerekeranye no guhana icyaha génocide.

*Amasezerano Mpuzamahanga yabereye i GENEVE  kuwa 12 Kanama 1949 yerekeranye no kurengera abantu batari abasirikare mu gihe cy'intambara n'amasezerano yinyongera.

*Amasezerano yo kuwa 26 Ugushyingo 1968 yerekeranye no kudasaza kw'ibyaha by'intambara n'ibyaha byibasiye inyokomuntu.

*Itegeko ngenga n° 08/96 ryo kuwa 30/8/96 ingingo ya 2 urwego rwa 1, a.

- Kuba ari aho hantu havuzwe haruguru, mu gihe kimwe, ari gatozi cyangwa ari icyitso cy'abandi, abizi kandi abishaka, yarirengagije kugoboka abaturage bari mu kaga kandi nta ngaruka mbi kuri we. Icyo cyaha giteganywa kandi kigahanishwa n'ingingo ya 256 y'igitabo cya Il cy'amategeko ahana y'u Rwanda.

- Kuba na none ari aho hantu hakomeje kuvugwa haruguru, mu gihe kimwe, ari gatozi cyangwa ari icyitso cy'abandi akora umurimo umwe wavuzwe haruguru, yararemye imitwe y'abagizi ba nabi. Icyo cyaha giteganywa kandi kigahanishwa n'ingingo ya 281 n'iya 282 y'igitabo cya II cy'amategeko ahana y'u Rwanda,

- Kuba na none ari aho hantu havuzwe, mu gihe kimwe, akora umurimo umwe, ari gatozi cyangwa ari icyitso cy'abandi, yarakwirakwije imbunda mu baturage ku buryo bunyuranije n'amategeko. Icyo cyaha giteganywa kandi kigahanishwa ingingo ya 13 y'amategeko y'u Rwanda (Codes et Lois) ku rupapuro rw'1519 (vol.3 éd. 1984).

- Kuba ari aho hantu na none mu gihe kimwe, ari gatozi cyangwa ari icyitso cy'abandi yarayogoje igihugu mu kwica bitsemba imbaga. Icyo cyaha giteganywa kandi kigahanishwa n'ingingo ya 168 y'igitabo cya IIl cy'amategeko ahana y'u Rwanda.

- Kuba na none ari aho hantu, mu gihe kimwe yaratanze inkunga ya ngombwa mu gukora icyaha cy'itsembatsemba n'itsembabwoko.Icyo cyaha giteganywa kandi kigahanishwa itegeko ngenga n° 08/96 ryo kuwa 30/8/96.

2.Kuri NDAGIJIMANA Innocent

- Kuba ari muri Segiteri Muhima, muri Komini Nyarugenge, muri Repubulika yu Rwanda, hagati y'ukwezi kwa 4/94 n'ukwezi kwa 6/94, ari gatozi cyangwa ari icyitso cy'abandi yarakoze icyahacyitsembatsemba n'itsembabwoko. Icyo cyaha giteganywa kandi kigahanishwa :

*Amasezerano Mpuzamahanga yo kuwa 9 Ukuboza 1948 yerekeranye no guhana icyaha cya génocide.

*Amasezerano yo kuwa 26 ugushyingo 1968 yerekeranye no kudasaza kw'ibyaha byibasiye inyokomuntu.

*Itegeko-ngenga n° 08/96 ryo kuwa 30/8/1996.

- Kuba na none ari aho hantu, mu gihe kimwe, ari gatozi cyangwa ari icyitso cyabandi yararemye imitwe y'abagizi ba nabi, icyo cyaha giteganywa kandi kigahanishwa n'ingingo ya 281 n'iya 282 y'igitabo cya II cy'amategeko ahana y'u Rwanda.

- Kuba na none ari aho hantu havuzwe haruguru, mu gihe kimwe, ari gatozi cyangwa ari icyitso cy'abandi yarakoze icyaha cy'ubuhotozi. Icyo cyaha giteganywa kandi kigahanishwa n'ingingo ya 312 yigitabo cya II cy'amategeko ahana yu Rwanda.

3. Kuri IRAGENA Alphonse Marie

- Kuba ari ku Muhima, Segiteri Muhima, Komini Nyarugenge, Perefegitura ya Kigali y'Umujyi muri Repubulika y'u Rwanda, ari gatozi cyangwa ari icyitso cy'abandi, hagati y'ukwezi kwa 4/94 n'ukwa 6/94 yarakoze icyaha cy'itsembatsemba n'itsembabwoko, icyo cyaha giteganywa kandi kigahanishwa :

*Amasezerano, Mpuzamahanga yo kuwa 9 Ukuboza 1948 yerekeranye no guhana icyaha cya Génocide.

*Amasezerano Mpuzamahanga yabereye i GENEVE kuwa 12 Kanama yerekeranye no kurengera abantu batari abasirikare mu gihe cy'intambara n'amasezerano y'inyongera.

*Amasezerano yo kuwa 26 Ugushyingo 1968 yerekeranye no kudasaza kw'ibyaha byibasiye inyokomuntu.

*Itegeko-ngenga n° 08/96 ryo kuwa 30/8/1996.

- Kuba na none ari aho hantu, mu gihe kimwe, abizi kandi abishaka, ari gatozi cyangwa ari icyitso cy'abandi, ari escorte wa Konseye KAMATAMU Euphrasie, akora umurimo w'ubupolisi, yari mumutwe y'abagizi ba nabi, icyo cyaha giteganywa kandi kigahanishwa n'ingingo ya 281 na 282 z'igitabo cya II cy'amategeko ahana y'u Rwanda.

- Kuba na none ari aho hantu havuzwe haruguru, mu gihe kimwe, ari gatozi cyangwa ari icyitso cy'abandi, abigambiriye, yarakoze icyaha cy'ubuhotozi, icyo cyaha giteganywa kandi kigahanishwan'ingingo ya 312 y'igitabo cya II cy'amategeko ahana y'u Rwanda.

4. Kuri HABYARIMANA Thomas

- Kuba ari muri Segiteri Muhima, Komini Nyarugenge, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali, muri Repubulika y'u Rwanda, hagati y'ukwezi kwa 4 n'ukwa 6/1994, ari gatozi cyangwa ari icyitso cy'abandi, ari Perezida w'ishyaka C.D.R. mu rwego rwa Segiteri MUHIMA yarakoze icyaha cy'itsembatsemba n'itsembabwoko. Icyo cyaha giteganywa kandi kigahanishwa Amasezerano Mpuzamahanga yokuwa 9/12/1948 yerekeranye no guhana icyaha cya Génocide, n'Amasezerano Mpuzamahanga yakorewe i GENEVE yo kuwa 12/8/1949 ndetse n'Amasezerano Mpuzamahanga yerekeranye no kudasaza kw'ibyaha byibasiye inyokomuntu yo kuwa 26/11/1968. Icyo cyaha giteganywa kandi kigahanishwa ingingo ya 1,a. y'itegeko-ngenga n° 8/96 ryo kuwa 30/8/96.

- Kuba ari aho hantu, mu gihe kimwe, ari gatozi cyangwa ari icyitso cy'abandi, abizi kandi abishaka, ayobora ishyaka CDR, yararemye imitwe y'abagizi ba nabi. Icyo cyaha giteganywa kandi kigahanishwa ingingo ya 282 y'igitabo cya II cy'amategeko ahana y'u Rwanda.

- Kuba ari aho hantu havuzwe haruguru, ari gatozi cyangwa ari icyitso cy'abandi, yarakoze icyaha cy'ubuhotozi. Icyo cyaha giteganywa kandi kigahanishwa ingingo ya 312 y'igitabo cya II cy'amategeko ahana y'u Rwanda.

- Kuba na none ari aho hantu havuzwe, mu gihe kimwe abizi kandi abishaka, ari gatozi cyangwa ari icyitso cy'abandi, yarirengagije kugoboka abaturage bari mu kaga kandi nta ngaruka mbi kuri we. Icyo cyaha giteganywa kandi kigahanishwa ingingo ya 256 y'igitabo cya II cy'amategeko ahana y'u Rwanda.

- Kuba na none ari aho hantu hakomeje kuvugwa, mu gihe kimwe ari gatozi cyangwa ari icyitso cy'abandi, yarakoze icyaha kigamije kuyogoza igihugu no kwica bitsemba imbaga. Icyo cyahagiteganywa kandi kigahanishwa ingingo y'1968 y'igitabo cya II cy'amategeko ahana y'u Rwanda.

Abaregera indishyi :

I. NYIRABAGENI Budensiyana
2. KAMANZI Antoniya n'UMUHOZA (uhagarari we na KAMANZI)
3. UWIZEYIMANA Charles
4. UMULINGA Chantal
5. MUTESA Grâce
6. KAYIGANWA Jean Claude
7. MVUYEKURE François
8. SENYANA Désiré
9. NZAMWITA Anastasie
10. SIBOMANAEtienne
11.RUTAYISIRE Philémon
12. MUKAMURARA Ancilla
13. KANZIGA Thérèse
14. MUKUNDUHIRWE
15. MAKUZA J.M.Vianney
16. KAMPOGO Clément
17.MUSABYEYEZU Odette
18. NYIRANDAYISHMYE Espérance
19. MUKARWEMA Immaculée
20. NIKURE Bemadette
21. GAKWAYA Benoîte n'abana be babiri ahagarariye
22. MUREKATETE Spéciose n'umuryango we wose ahagarariye
23. MUKASE Jeanne
24. MUKABYAGAJU Grâce
25. MUKAMABANO
26. RWAGASANA Charles
27. KAKIZA Hélène
28. GAHUTU Eugène
29. NTAKABABAZA
30. MUKAMWIZA Béatrice
3 I. NYIRAMBA Belancille
32. MUKAMUSONI Suzane
33. NTAGANDA Amiel
34. CYANZAYIRE
3 5. MUKANYONGA Astérie
36. MUKAGATARE Suzane

Umwishingizi w'indishyi :

LETA y'u RWANDA

URUKIKO,

RUMAZE kubona ibaruwa n°A/32/6509/S12/RV yo kuwa 27/6/1997 Umushinjacyaha wa mbere mu Rugereko Rwihariye rw'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali yandikiye Perezida w'urwo Rugereko amwoherereza Dossier n° MW6509/S 12/NRV na RMP. 5 83 3/S 12/NRV za KAMATAMU na bagenzi be amusaba ko izo dosiye zaburanishwa ;

RUMAZE kubona ko izo dosiye zanditswe mu gitabo cy'ibirego cy'Urukiko rw'Urugereko Rwihariye kuri n° R.P.032/CS/KIG na R.P.014/CSK/97 nyuma Perezida w'Urugereko agafata icyemezo ko zizaburanishwa hamwe kuwa 16/12/1997 uwo munsi umenyeshwa ababuranyi ;.

RUMAZE kubona uwo munsi ugeze, KAMATAMU Euphrasie, NDAGIJIMANA Innocent, IRAGENA Alphonse Marie na HABYARIMANA Thomas bitabye Urukiko, urubanza ruburanishwa mu ruhame Ubushinjacyaha buhagarari we na NDABUKIYE RUCONDO Vincent ;

RUMAZE kubona ko KAMATAMU na bagenzi be bakurikiranyweho ibyaha byavuzwe haruguru ;

RUMAZE kumva umwanditsi w'Urukiko asoma imyirondoro y'abaregwa n'ibyaha baregwa, KAMATAMU, NDAGIJIMANA na IRAGENA bakemera ko iyo basomewe ari iyabo, naho HABYARIMANA akavuga ko bibeshye ku kazi yakoraga, ko yari umukozi wa RWANDATEL, ko atakoreraga CDR (Coalition pour la défense de la République), bakabihakana ;

RUMAZE kumva babazwa niba bemera ibyaha baregwa bose bakabihakana ;

RUMAZE kubaza niba hari abagabo baje mu rubanza ngo basohoke, Umushicyaha akavuga ko hari ibaruwa yandikiwe n'Abavoka batagira umupaka bamusaba abagabo bifuje ko babarizwa mu muhezo ngo kubera umutekano wabo bahamagarwa niba bahari, ubwo uwunganira IRAGENA ari we Maître Smeets agasaba ko batavugwa amazina, Maître NKONGOLI wari uhagarariye bamwe mu baregera indishyi akavuga ko kubarizwa mu muhezo ntacyo bitwaye ariko ko ubuhamya bwabo abaregera indishyi babukeneye kugira ngo bagire icyo babuvugaho, na Maître MUTEMBE na we uhagarariye abandi baregera indishyi akabaza niba amategeko abyemera, Maître Smeets uhagarariye umwe mu baregwa akavuga ko ingingo ya 30 y'itegeko-ngenga n° 08/96 ryo kuwa 30 Kanama 1996 rigena imitunganyirize n'ikurikirana ry'ibyaha bigize icyaha cy'itsembabwoko n'itsembatsemba cyangwa byibasiye inyokomuntu n'iya 76 al.10 y'igitabo cy'amategeko agenga imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, abyemera ;

RUMAZE kumva Maître Smeets abazwa impamvu abo bagabo batabarizwa mu ruhame nk'abandi, agasubiza ko ari ukubera umutekano wabo, yabazwa uko umutekano wabo wahungabana kurusha uw'abandi bagabo agasobanura ko ari ukubera ko abo bagabo ubwabo badashaka kuvuga mu ruhame, bityo kubera ko Urukiko rukeneye ukuri rutazakubona kuko batakwemera kuza gutanga ubuhamya bwabo kandi bukaba butananditse muri dossier, Urukiko rusabye ko basohokana hamwe n'abandi bagabo, Maître Smeets akavuga ko byatuma bamenyekana, Urukiko rugafata icyemezo cyo gusohora abantu bose bari mu Rukiko umunota umwe, (usibye ba Avocats n'abasemuzi babo) nyuma y'umunota bakagaruka, maze abagabo bifujwe kubarizwa mu ibanga bagasigara hanze, Urukiko rwabona amazina yabo rukazabatumaho bakabazwa nk'uko abaregwa babyifuza, dore ko n'ubushinjacyaha butari bwabonye umwanya wo kubabaza ;

RUMAZE kumva Ubushinjacyaha, buhawe ijambo ngo bushinje KAMATAMU akavuga ko hari ibimenyetso n'inyandiko byinshi bimuhamya icyaha, dore ko ngo na we yabyiyemereye ko

yafatanyaga na Perefe RENZAHO, we ari Konseye, na none agafatanya n'Umugabo we HABYARIMANA Thomas kwica abatutsi ngo kugira ngo batazafatanya n'abavuye hanze, ndetse KAMATAMU ubwe agatanga imbunda zo kubicisha, ndetse akaba yaranahaga abo batutsi za permis de résidence ziriho akamenyetso Mod IV (modèle 4) izo yahaga abahutu kakaba katabagaho, kugira ngo bajye bamenyekana bicwe, ndetse akaba yaranivugiye ko amaraso y'abiciwe mu Muhima bose mu itsembatsemba n'itsembabwoko ari ku mutwe we ;

RUMAZE kumva Umushinjacyaha akomeza avuga ko KAMATAMU yaremye umutwe w'abagizi ba nabi bo kumufasha kurangiza umugambi we, wari ufite abayobozi muri buri Selire ari bo MYASIRO Innocent (muri Ruhurura ya 3), André IYAMUREMYE muri Kabakene na NGILINCUTI Théodore muri Ruhurura 1 na 2 ;

RUMAZE kumva KAMATAMU ahabwa ijambo ngo yiregure, akabazwa impamvu yemeye icyaha none akaba abihinduriye mu Rukiko, we agasubiza ko mu bugenzacyaha yakubiswe, yabazwa impamvu yabyemeye no mu bushinjacyaha, cyangwa se niba na bo baramukubise, agasubiza ko mu bushinjacyaha atakubiswe, ariko ko ngo mu bugenzacyaha bari bamubujije guhindura ibyo yemeye, ngo akaba ari byo rero yubahirije akemera ibitari byo mu bushinjacyaha, yabazwa niba uwamubajije mu bugenzacyaha yari ari no kuri Parquet aho yabazwaga n'Umushinjacyaha agahakana ;

RUMAZE kubona KAMATAMU akomeza guhatwa ibibazo, mu bisubizo bye akemera ko muri Segiteri MUHIMA yayoboraga haguye abantu, ariko agahakana ko ntabo yigeze abona bicwa, ko yabonaga imirambo gusa, ngo yabaza ababishe, abo abajije bakamubwira ko bishwe n'interahamwe n'abasirikare, maze ngo we agatanga rapports kwa Burugumesitiri na Perefe ;

RUMAZE kumva abazwa niba ashobora kwerekana izo rapports yohererezaga Perefe, akavuga ko atazihunganye, ko ntazo yabona ;

RUMAZE kumva abazwa niba muri Segiteri ye abantu barapfaga ni joro gusa, niba ari ntabishwe ku manywa agasubiza ko atabihakana, akemera ko we yabonye gusa abantu 3 bishwe ku manywa ari IDRISSA, KAMANDA na INNOCENT, akavuga ko Idrissa bamumuzaniye ashorewe n'abantu ngo bamufatanye ifoto yafatiwe i Kinihira, ngo kandi ko yakundaga Idrissa cyane na we akamukunda, ngo maze mu gushaka uko amukiza agafata icyemezo cyo kumushyira Prefet RENZAHO, ngo ariko yajya kumva akumva isasu riravuze, ngo abajije urashe bamubwira ko ari James, ngo we akora rapport kuri James gusa ;

RUMAZE kubaza mu bagabo n'abaregera indishyi niba hari uzi iby'urupfu rwa Idrissa, hakaza KIBUKAYIRE Asthérie wemeje ko aho yari yihishe yagereranyije nko kuri m 5, yumvise Idrissa wari umaze guhishurwa n'interahamwe za KAMATAMU, zimumuzaniye, Idrissa akabaza KAMATAMU ati  koko ntunzi, uzi ko ndi Inyenzi , ngo KAMATAMU akamusubiza ko amuzi kuri Radio Muhabura, ndetse n'i Kinihira, maze ngo ahita abaza abo bambari be ati :  muracyakora iki ?, ubwo Idrissa agahita yicwa, Urukiko rwabaza KAMATAMU icyo abivugaho agasubiza ko ngo KIBUKAYIRE abeshya ko ngo aho yari yihishe, we (KAMATAMU) agereranya nko kuri m 20 ( yagereranyije intera yereka Urukiko, rutegeka umuntu kuhatera intabwe atera 20) ngo atashobora kumva ibyo KAMATAMU avuga, yabazwa uko abari bazanye Idrissa banganaga akavuga ko barengaga 50, yabazwa niba kugira ngo abwire abantu 50 bumve icyo yavuga uri kuri m 20 atacyumva we agasubiza ko

bidashaboka, ngo cyane ko KIBUKAYIRE yari inyuma y'urukuta ; naho uwitwa NTAKABABAZA Thérèse waregeye indishyi avuga ko aho yari yihishe yumvise interahamwe yitwa John yakoranaga na KAMATAMU ( nkuko byemezwa na IRAGENA wamurindaga) ivuga ngo bajye kwinywera inzoga (Liqueur) ngo ka Idrissa bamaze kukica na MUKAKAMAKA Ruth akemeza ko yabonye KAMATAMU agaraguza intumbi igiti kwa GASASIRA, avuga ngo birababaje kuba nta mwana wa GASASIRA waguyemo ;

RUMAZE kumva KAMATAMU abazwa imipfire ya KAMANDA na Innocent agasubizako ngo yumvise abantu basakabaka agatuma umupolisi wamurindaga ari we IRAGENA ngo arebe, ngo yaza akamubwira ko bafashe abo basore bombi, maze ngo KAMATAMU akavuga ko itegeko ari ukubashyira Prefet, ngo babageza hafi y'ishuri rya APACOPE akumva barabarashe ;

RUMAZE kumva abazwa abo yoherezaga kwa Prefet abo ari bo akavuga ngo ni ababaga bafite ibibazo bimurenze, yabazwa ibyo ari byo usibye kuba abatutsi ntagire icyo asubiza, yanabazwa impamvu yabashyiraga Perefe kandi azi ko ari we wakoreshaga amanama akanatanga imbunda zo kwica abatutsi, akavuga ngo ibyo ntiyabivuze, nyamara yakwibutswa ko yivugiye ko imbunda Perefe yatanze ngo ni izo gucunga umutekano ngo kwari ukujijisha, ko ahubwo zari izo kwica abatutsi na none ntasubize ;

RUMAZE kumva abazwa impamvu abaturage yari ashinzwe kurengera ari Konseye wabo bicwa ntagire icyo abikoraho niba ari umwere w'amaraso yabo, agasubiza ko ari umwere ko nta bushobozi yari afite, yabazwa impamvu ateguye ngo hajyeho undi, akavuga ngo Perefe ntiyari kumukundira, yabazwa impamvu yasabye imbabazi niba yumva ari umwere, ngo yazisabiye ko yabuze icyo yakora ngo arengere abicwaga, nyamara Ubushinjacyaha bukavuga ko icyo kibazo KAMATAMU yakishubirije avuga ngo abantu biciwe ku Muhima bose bazamubarweho, bukongera kwibutsa ko yitangiye imbunda avuga ngo ni iz'umutekano kandi azi neza ko ari izo kwica abo batutsi ;

RUMAZE kumva na none MUKUNDUHIRWE Asthérie, waregeye indishyi avuga ko no muri 1993 yashatse kumwica we n'abandi bagore 10, KAMATAMU akabatumira kuri Segiteri hari n'intehamwe zifite imipanga n'abapolisi bafite imbunda, avuga ngo bafite amarozi yo kuroga abahutu, ubwo bigasobanurwa neza na MUKAGATARE Suzane wari Resiponsabule wa Selire Ruhurura, ngo icyo gihe hari mu bihe by'urupfu rwa BUCYANA wari Perezida wa CDR mu gihugu, ngo haje umugore MUKAKAYONDO Eugénie wazanye agapapuro ngo kariho lisiti y'abo bagore bashakaga kuroga abahutu, ubwo ngo KAMATAMU abwira MUKAGATARE ko abo bagore bagomba kwicwa, ubwo ngo ari ku mayeri KAMATAMU yagiranye nuwo MUKAKAYONDO, ndetse n'uwitwa DUSABEMARIYA, maze bakohereza abana babo ngo baze gushinja abo bagore, bavuga ngo urwo rupapuro rwavuye muri Bibiliya y'uwitwa Agnès MUKASHARANGABO, umwe muri abo baregwaga uburozi, ngo hariho na lisiti y'abahutu bagombaga kwicwa, nyamara abo bana bakiyemerera ko batari bazi gusoma, ngo umupolisi abakubise akanyafu bakavuga ko batumwe na ba nyina gushinja abo bagore, ubwo ba nyiri ukuregwa urw'uwo munsi bakarusimbuka, ariko ko aho itsembabwoko ritangiriye bakaba barahigishijwe uruhindu, hakaba harashoboye kurokokamo batatu gusa, maze KAMATAMU yabazwa iby'iyo lisiti ntayihakane, ariko ngo na we yaje gusanga ari amagambo y'abana ;

RUMAZE kumva abandi bagabo benshi bashinja KAMATAMU rukamubaza ibirebana n'ibyangombwa (permis de résidence) ngo yahaga abatutsi ashyizeho akamenyetso ka mod

IV (modèle 4) kugira ngo bajye bamenyekana bicwe we akavuga ko ngo atari modèle 4, ahubwo ngo yashyiraga akamenyetso V kuri izo permis kugira ngo amenye abo azihereye ngo kubera ko hari hagaragayemo fraude, nyamara yabazwa niba hari undi wari ufite uburenganzira bwo kuzitanga muri Segiteri agahakana, Urukiko rwabaza MUKAGATARE wari Resiponsabule uko byagenze akavuga ko ba Resiponsabule bazuzuzaga bakazishyira Konseye KAMATAMU we wari ufite uburenganzira bwo kuzisinya, maze ngo we ku z'abatutsi akongeraho kariya kamenyetso n'ikaramu, ubwo KAMATAMU yabazwa aho Fraude yaturutse akabura igisubizo, ngo na we ntiyari ahazi ;

RUMAZE kubaza KAMATAMU kwisobanura ku cyaha cyo kurema umutwe w'abagizi ba nabi aregwa akagihakana ngo we nta bushobozi yari afite nyamara abagabo benshi barimo MUKAGATARE wemeje ko intambara y'itsembabwoko itangiye ngo yavuze ko hakenewe abakozi ba Leta babishoboye, ubwo agashaka abantu ngo yizeye ubwo arema Comité de crise, maze MUKAGATARE we avanwa ku mwanya we, maze KAMATAMU yishyirira za bariyeri mu MUHIMA, akagenda azigenzura, ko yakundaga kuba ari kumwe n'abahungu be na bo bamaze abantu ari bo HABYARIMANA GAPUSI, HABYARIMANA Ephroni ngo n'undi ucumbagira, bose bambaye gisirikari, ngo n'izindi nterahamwe zirimo NKURIKIYE, John bari interahamwe zikomeye nubwo we ahakana ko bafatanyije, nyamara IRAGENA Alphonse Marie wari umupolisi wamurindaga na we akemeza ko yabonaga kenshi John uwo aza kwa KAMATAMU kenshi, bakiherera baganira akabona ko yabaga aje kumugezaho raporo z'ibikorwa byabo ;

RUMAZE kubona urubanza rukomeza ariko habuzemo umwe mu bacamanza barutangiye kubera uburwayi amaranye igihe kirekire, akaba yasimbuwe n'undi mushya, ibyo bigatuma Perezida w'Urukiko anyura mu magambo make mu nyandikomvugo z'amaburanisha yatambutse no kubaza ababuranyi niba hari icyo bakosora cyangwa bashimangira, ariko kuko ari KAMATAMU waburanye wenyine akaba ari we uhabwa ijambo akongera gutsindagira bimwe mu byo yavugiye mu Rukiko, Ubushinjacyaha bwo bukazemera uko ziri ;

RUMAZE kubona hakomeza kuburana HABYARIMANA Thomas, Ubushinjacyaha bugahabwa ijambo bukavuga muri make ibyaha aregwa n'ibimenyetso byabyo ;

RUMAZE kumva HABYARIMANA abazwa iby'uko yari Perezida wishyaka CDR muri Segiteri MUHIMA, mbere yo gusubiza akabanza gusaba ko hari abantu bahezwa mu rubanza rwe, akavuga abo ari bo nyamara Urukiko rugasanga ari abaregeye indishyi, bityo kubaheza bikaba bitakwemerwa, maze asubiza ikibazo avuga ngo nta shyaka yagiyemo, ngo CDR yayigiyemo ku ngufu, ayiyobora amezi 2 gusa ahita arwara, ko ngo yatanze amakarita y'iryo shyaka atanu gusa, nyamara yabazwa igihe yayiviriyemo, igihe yarekeye kuriyobora n'uwamusimbuye, byose ntabibonere ibisubizo ;

RUMAZE kumva abazwa niba amatwara y'ivanguramoko n'umugambi wa CDR wo kwica abatutsi yari ayazi avuga ko atari azi Statuts z'iryo shyaka, akabazwa ukuntu yayobora ishyaka atarizi kandi ari umuntu uzi ubwenge, wize akaba yari na Chef de Service mu kigo cya Leta (RWANDATEL) ntabone igisubizo ;

RUMAZE kumva asomerwa ubuhamya bw'umugabo yitangiye, ndetse ari na mubyara we, akaba yari yarasabye ko yabarizwa mu muhezo ku buryo ari abagabo bashinja n'abaregera

indishyi batamumenya ntibamenye n'ibyo yavuze, uwo akaba ari BARINGE Idrisa, wavuze ko HABYARIMANA yakomeje kuba umuyobozi wa CDR kugeza ubwo itsembatsemba n'itsembabwoko ritangira, kandi ko abantu benshi bamubujije iryo shyaka, HABYARIMANA akanga, BARINGE yabazwa ababujije HABYARIMANA abo ari bo akavuga umusaza witwa MUKWINDI, na we waje kwicwa , BARINGE akanabazwa iby'imitangire y'imbunda ku MUHIMA akavuga ko zari nyinshi, ko atazi abazitanze, ariko ko zitari gutangwa KAMATAMU atabizi, ko afite uruhare rukomeye mu iyicwa ry'abatutsi, yabazwa icyo Abasederi bakoze ku MUHIMA akavuga ko bishe abantu, ko ngo intambara yateye HABYARIMANA ari ku mugore wa kabiri i Remera, ariko ko naho aziye ntacyo azi yakoze ngo ahagarike ubwicanyi bw'abasederi, yabazwa ku ruhare rwa HABYARIMANA nk'umugabo mu rugo ufite abana n'umugore b'abicanyi mu nzu ntababuze akavuga ngo HABYARIMANA yabajije umugore we impamvu bishe KIBINAKANWA kandi ari umuturanyi, ariko ntagire icyo avuga ku bandi ;

RUMAZE kumva HABYARIMANA abazwa ibyiyo mvugo ya mubyara we akavuga koko ko bamubujije kuyobora CDR no kuyivamo, ko ariko batamubwiye impamvu, ndetse n'umwunganira akamubaza muri make icyo Statuts za CDR zavugaga, we agasubiza ko atari azizi, ko yagiye mu ishyaka ku gahato, ko uwayoboye inama yamutoreye ubuyobozi atari amuzi, ko atanagarutse kuyobora indi ;

RUMAZE kumva MUKAGATARE Suzane wavuze ko yavuraga HABYARIMANA Thomas uvuga ko nta ruhare yagize mu bwicanyi, ko yari arwaye, nyamara uwo mugabo akavuga ko yajyaga kumuvura agasanga abarura indangamuntu z'abantu bamaze kwicwa, afite indundo yazo ku meza, ko ndetse na mbere y'uko intambara itera yayoboraga inama za CDR, barashinze ibendera ryayo, baririmba ngo tuzabatsemba, ubwo bakaba ari abatutsi bavugwaga, HABYARIMANA akavuga ko abeshyerwa gusa ;

RUMAZE kumva Ubushinjacyaha buvuga ko kuba yiyemerera ko yayoboye iryo shyaka bihagije, ko atashoboraga kurijyamo atazi ibyaryo no guhiga abatutsi kwaryo ngo ararengera inyungu z'abahutu, ko ibyo HABYARIMANA asubiza byose ari uguhunga kugaragaza uruhare rwe ;

RUMAZE kumva Ubushinjacyaha buvuga ko HABYARIMANA yirengagije gutabara abari mu kaga nta ngaruka byari kumutera, ko uwo yari gukiza wese yari gukira, ko ndetse yavukije n'igihugu umudendezo muri ibyo bikorwa by'ishyaka, maze HABYARIMANA we agasubiza ko nta bushobozi yari afite, ko n'aho agereye mu Muhima nta bandi bapfuye, nyamara abagabo n'abaregera indishyi bakemeza ko hari abantu benshi bapfuye yarahageze ndetse bamwe bakagwa ku irembo ry'iwe na we ahari barimo KAMANDA naho IRAGENA bareganwa we akavuga ko atibuka niba hari abapfuye, HABYARIMANA yaragarutse mu Muhima kuko atibuka amatariki bagiye bapfiraho, ko ndetse umuhungu we GAPUSI ko yasanze KAMATAMU yaramwirukanye, ngo naho undi muhungu we w'umwicanyi akaba atarongeye kuva mu rugo aho se aziye, nyamara MUKAGATARE akavuga ko ibyo byose ari ibinyoma ;

RUMAZE kumva NDAGIJIMANA Innocent abazwa niba ibyo aregwa abyemera, akabihakana, yabazwa impamvu yabyemeye mu bugenzacyaha no bushinjacyaha we akavuga ko yabyemejwe n'inkoni, maze Umushinjacyaha wari mu rukiko ari na we wamwibarije akamunyomoza, yabazwa niba ibyo yavuze ari byo Umushinjacyaha yanditse akemera, ariko ngo yagombaga kubihakana mu rukiko, ibyo akaba ari uko yari yemeye ko yishe abantu babiri atazi amazina ;

RUMAZE kumva abazwa impamvu yibeshyeye mu bugenzacyaha, niba yaba yarahakubitiwe impamvu yabyongeye mu bushinjacyaha butamukubise akavuga ngo yari yahahamutse ;

RUMAZE kumva abazwa impamvu ahuza na KAMATAMU wavuze ko NDAGIJIMANA yari interahamwe izwi cyane, we akavuga ngo yabyemera ari uko KAMATAMU abivugiye imbere ye, uwo munsi KAMATAMU akaba atari yitabye kuko yari mu bitaro ;

RUMAZE kumva abazwa impamvu yajyaga kuri bariyeri azi n'inshingano zayo, n'impamvu yahungutse ntatahe iwe agasubiza ko yagiye kuri bariyeri ku ngufu, ko atari azi inshingano zayo, kandi ko yanze gutaha iwe kuko abaturage bamuteraga ubwoba ;

RUMAZE kumva uwitwa IRAGENA Alphonse abazwa niba ibyo aregwa abyemera, akabihakana, maze Urukiko rugaha Umushinjacyaha ijambo ngo abisobanure akavuga ko IRAGENA wari Umupolisi urinda KAMATAMU bafatanyije ubwicanyi, ndetse na KAMATAMU ubwe akaba amushinja ;

RUMAZE kumva umwe mu baregeye indishyi avuga ko IRAGENA ubwe yajyanye umwana witwaga Narcisse bari bihishe ahantu hamwe akajya kumwica, ibi ndetse bikongera kwemezwa n'undi mugabo, MUKAKIMENYI, IRAGENA yitangiye ubwe, ariko IRAGENA we agahakana avuga ko ngo na we yihishaga kubera ko interahamwe zakoranaga na KAMATAMU ari zo NKURIKIYE, John n'izindi ngo zashakaga kumwica, ndetse ngo akaba yari arwaye naho KAMATAMU we akavuga ko ngo ibyo yashinje IRAGENA yabyemejwe n'inkoni ;

RUMAZE kumva na none IRAGENA abazwa ku byo undi mugabo yitangiye ari we BALINGE Idrissa, ndetse yanamusabiye kubarizwa mu muhezo, akavuga ko IRAGENA yishe umuntu, n'ubwo ngo we atabihagazeho ariko abantu b'aho bose bavuze ko yishwe n'IRAGENA, ariko we akavuga ngo ubwo yabivuze kubera ubwoba, ngo noneho azaze abivugire mu ruhame ;

RUMAZE kumva undi mugabo yitangiye ari we MUKAKIMENYI Olive akivugira ko we yarebaga IRAGENA buri gihe, agenda yirukankana n'izindi nterahamwe, akavuga abantu bavumbuye areba, IRAGENA ari muri abo bavumburaga, bakica KAMANDA, Innocent, Idrissa n'abandi benshi, ko IRAGENA atari arwaye nk'uko abibeshya, maze IRAGENA yabazwa icyo abivugaho akavuga ngo hanze bafite akagambane gusa ngo bose baramubeshyera ;

RUMAZE kumva abaregera indishyi bose bavuga izo bifuza nk'uko bigaragara ku mbonerahamwe yakozwe mu gihe Urukiko rwazibageneraga usibye MUKAGATARE Suzane utaratanze ibyangorabwa bisabwa n'urukiko, bose bazirega KAMATAMU na Leta y'u Rwanda usibye NIKURE Bemadette wazireze Leta y'u Rwanda na IRAGENA Alphonse Marie, bose bashingira ku bibi bagiriwe bicirwa abantu banasahurwa, naho kuri Leta bagashingira ko abo bari abakozi bayo, ko bakoze ibibi bayikorera, kandi ko iyi Leta yasimbuye iyari iriho ; muri uru rubanza usibye kuruca ;

RUMAZE kubona nta yindi ngingo isigaye gusuzumwa muri uru rubanza usibye kuruca ;

RUSANZE Ubushinjacyaha bwararuregeye abantu bakurikira bubakurikiranyeho ibyaha bivugwa kuri buri wese :

1. KAMATAMU Euphrasie wari Konseye wa Muhima, uregwa :

a) gutegura no gushyira mu bikorwa icyaha cy'itsembabwoko n'itsembatsemba ;
b) kwirengagiza gutabara abari mu kaga nta ngaruka mbi byari bumutere ;
c) kurema imitwe y'abagizi ba nabi ;
d) ubuhotozi (n'ubwo kitanditse ku mpapuro zimutumira kuburana ariko akaba yariyemereye kukiburana)
e) gukwirakwiza imbunda mu buryo butemewe n'amategeko ;
f) kuyogoza igihugu bica bitsemba imbaga ;
g) gutanga inkunga ya ngombwa ku cyaha cy'itsembabwoko n'itsembatsemba bihanishwa itegeko-ngenga n° 08/96 du 30/6/1996, ingingo za 89, 90, 91 CPRL.II ;

2.NDAGIJIMANA Innocent uregwa :

a)itsembabwoko n'itsembatsemba ;
b)kurema umutwe w'abagizi ba nabi ;
c)ubuhotozi ;

3.IRAGENA Alphonse Marie uregwa :

a)itsembabwoko n'itsembatsemba ;
b)kurema umutwe w'abagizi ba nabi ;
C)ubuhotozi ;

4.HABYARIMANA Thomas,wari Perezida wa CDR ku Muhima,uregwa :

a)itsembabwoko n'itsembatsemba ;
b)kurema umutwe w'abagizi ba nabi ;
c)ubuhotozi ;
d)kudatabara abari mu kaga nta ngaruka mbi byari kumutera;
e) Kuyogoza Igihugu bica bitsemba imbaga,

RUSANZE na none hari abantu benshi baregeye indishyi ariko hakaba harimo bamwe batatanze ibyangombwa bikenewe, hari abatanze ibyangombwa, ariko batavuze indishyi bifuza mu iburana, kimwe n'abasabye indishyi ku byononwe cyangwa ibyasahuwe ariko nta bimenyetso byabyo nta n'abagabo, abaregeye indishyi bose kandi bakaba bazikurikiranye kuri KAMATAMU na Leta y'u Rwanda usibye NIKURE Bemadette wenyine uzikurikiranye kuri IRAGENA Alphonse na Leta y'u Rwanda ;

1.Kuri KAMATAMU

RUSANZE icyaha cy'ubuhotozi kimuhama, dore ko na we yacyiyemereye mu bugenzacyaha no mu bushinjacyaha, kandi akaba ubwe yaratanze intwaro azi ko ari izo kwica abantu, we akaba yemera ko yatanze eshanu gusa, kandi kuba itsembabwoko n'itsembatsemba byarateguwe, bikaba bitari gukorwa muri Segiteri ayobora atabizi, atabifitemo uruhare ngo akomeze abe Konseye, dore ko Umuyobozi wo muri urwo rwego wangaga gushyigikira ubwicanyi yavanwaga kuri uwo mwanya cyangwa akicwa ; ibyo yitwaje aburana rero ngo

yemeye icyaha cy'ubuhotozi mu bugenzacyaha ari ukubera agahato, yabazwa impamvu yacyemeye mu bushinjacyaha agasubiza ko ngo ari ukubera ko yari yemereye Umugenzacyaha ko atazabihindura mu bushinjacyaha kandi uwo mugenzacyaha waba waramushyizeho agahato ataramukurikiranyeyo, ibyo akaba ari amatakirangoyi ; bityo akaba agomba guhanirwa icyo cyaha ;

RUSANZE icyaha cyo kwirengagiza gutabara abari mu kaga adashobora kugikurikiranwaho, kubera ko niba akurikiranweho kwica abatutsi, ataryozwa no kubatabara ngo byombi abikore icyarimwe ;

RUSANZE icyaha cyo kurema imitwe y'abagizi ba nabi na cyo kimuhama kubera ko yayoboye interahamwe n'abandi bicanyi bamufashaga muri ayo mahano barimo abitwa ba NKURIKIYE, ba SIMPARINKA, abo yakoreshaga ngo bayobora irondo (reba lisiti muri dosiye) abamurindaga, ndetse n'abana be ubwe bitaga GAPUSI, HABYARIMANA Ephroni n'abandi ndetse akanabihera n'intwaro zo kurangiza uwo mugambi mubisha ;

RUSANZE icyaha cyo gukwirakwiza intwaro ku buryo butemewe n'amategeko na cyo kimuhama nk'uko byavuzwe muri Rusanze zo haruguru ;

RUSANZE icyaha cyo kuyogoza igihugu bica bitsemba imbaga na cyo kimuhama kubera kuyobora ubwicanyi muri Segiteri MUHIMA yose basahura banasaka ahari umututsi hose n'uwo bitaga icyitso, bamubona agahita yicwa bigatuma Muhima yose icura imiborogo ,

RUSANZE icyaha cyo gutanga inkunga ya ngombwa mu itsembabwoko n'itsembatsemba nk'uko Ubushinjacyaha bwacyanditse kidasobanutse, Ubushinjacyaha na bwo bukaba butarashoboye kugisobanurira Urukiko no kugitandukanya n'icyitsembabwoko n'itsembatsemba bwamureze na bwo bukavuga ko kibaye kidasobanutse Urukiko rutakimuhanira, bityo rukaba rukimuhanaguyeho ;

RUSANZE icyaha cy'itsembabwoko n'itsembatsemba kimuhama kuko umugambi wo kwica ndetse no kuwushyira mu bikorvia byari bigenewe abatutsi n'abandi batavugaga rumwe n'ubutegetsi bwariho, bityo bakaba barishwe hagamijwe gutsemba ubwo bwoko bukazima burundu, ndetse akaba yarabahaga n'ibyangombwa (permis de résidence) ashyizeho akamenyetso kabaranga kiswe modèle IV kugira ngo bajye bamenyekana bicwe ,

2.Kuri NDAGIJIMANA Innocent

RUSANZE icyaha cyo kurema umutwe w'abagizi ba nabi kimuhama, dore ko na we yemera ko yabaye kuri bariyeri yo kuri YAMAHA (Muhima), n'ubwo abeshya ngo nta bantu bahaguye nyamara bizwi ko haguye abantu benshi cyane nk'uko abagabo babajijwe babyemeza, abandi bakemeza ko yagaragaye no mu bitero bindi ari kumwe n'IRAGENA Alphonse n'abandi bicanyi ;

RUSANZE icyaha cy'ubuhotozi kimuhama na cyo, dore ko yanacyiyemereye mu bugenzacyaha no bushinjacyaha, n'ubwo yavuze ngo ni ku gahato, Umushinjacyaha baburanye ari na we wamwibarije akamusaba gusobanura agahato yamushyizeho ako ariko akakabura ; kikamuhama na none kuko yemeye ko ngo yishe abantu babiri gusa na bo ngo

atazi amazina, n'ubwo mu by'ukuri atari abo gusa, dore ko hari n'umugabo (MUKUNDUHIRWE) umushinja ko yamwiboneye amwicira umugabo ;

RUSANZE icyaha cy'itsembabwoko n'itsembatsemba na cyo kimuhama dore ko abo yemera ko yishe n'ubwo avuga ko atabazi ariko yari azi ko ari abatutsi, kandi iyo bariyeri yabo ikaba yari iyo gutangira abatutsi no kubica, kandi koko bakaba barabikoze mu mugambi wo kubatsemba burundu ;

3. Kuri IRAGENA Alphonse Marie

RUSANZE icyaha cyubuhotozi kimuhama, dore ko yacyemeye mu bugenzacyaha, KAMATAMU ubwe na we akaba akimushinja aho avuga ko we ubwe yamwibwiriye ko yasonze MUKANKINDI amusanze kuri APACOPE (ndetse IRAGENA akaba yariyemereye ko bahiciye abandi benshi bagera kuri 300) akicisha n'undi ikaramu, abagabo babajijwe, barimo n'abitangiwe n'abaregwa na bo barakimuhamya, barimo uwo basabye ko abarizwa mu muhezo, akavuga ko hari intumbi yabonye, abari aho bose bavuga ko yishwe n'IRAGENA ; hari ndetse n'undi mugabo yitangiye ubwe ari we MUKAKIMENYI, IRAGENA avuga ko yakijije, ariko uwo mugabo wari utuye imbere yo kwa KAMATAMU, akavuga ko yabonaga n'amaso ye IRAGENA agenda ahiga abantu mu mazu, hamwe n'izindi nterahamwe zavuzwe nka ba NKURIKIYE, bakabazana bakicwa, naho ibyo yitwaza ko ngo yari arwaye ari amatakirangoyi, kuko uwo mugabo atigeze abona arwaye kandi yaramubonaga buri gihe, ari aho ku irembo ryo kwa KAMATAMU cyangwa aje iwabo dore ko ngo yahazaga kenshi ;

RUSANZE icyaha cyo kurema umutwe w'abagizi ba nabi na cyo kimuhama kubera ko yakoranye n'abandi bagizi ba nabi barimo ba John, ba NKURIKIYE ndetse na bene HABYARIMANA na KAMATAMU na NDAGIJIMANA mu mugambi wo kwica abantu, abizi, abishaka kandi koko abantu bakicwa ;

RUSANZE icyaha cy'itsembabwoko n'itsembatsemba na cyo kimuhama kubera ko abo yishe bose bari abatutsi hagamijwe kubatsemba burundu ;

4.KURI HABYARIMANA Thomas

RUSANZE icyaha cyo kurema umutwe w'abagizi ba nabi kimuhama, kuko yari Umuyobozi w'icyari ishyaka CDR kuva rikemerwa n'ubutegetsi bwariho, nyuma rikaza kugaragaza ko rigamije kuzatsemba abatutsi, nabwo agakomeza akariyobora, aho ku Muhima rikaba ryari rigizwe n'agatsiko k'abantu bari bakunze kwita abasederi birirwaga baririmba ko bazatsembatsemba abatutsi, agakomeza akariyobora , naho kwitwaza ko ngo atari azi ko ari byo rigamije akaba ari amatakirangoyi, dore ko n'incuti ze, harimo mubyara we (wabajijwe) n'uwitwa MUKWINDI, aho baboneye iby'icyo kintu kiyita ishyakâ baramusabye kukivamo no kureka kukiyobora akanga, ahubwo agakorana n'umugore we wari Konseye n'interahamwe ze nazo zakoranaga n'abo basederi ;

RUSANZE icyaha cy'ubuhotozi na cyo kimuhama, dore ko yagikozemo ubufatanyacyaha bukomeye mu manama yateguraga kuzica abatutsi yakoranye n'agatsiko ke, no kuba mu rugo rwe rwose rugizwe n'umugore, abana HABYARIMANA Gapusi, HABYARIMANA Ephroni n'abandi bose b'abicanyi, ntabibabuze, dore ko n'umugore we abimuhamya aho yabajijwe ati  Umugabo wawe yakugiraga iyihe nama  agasubiza ati : na we nta yindi nama yari

kungira kuko na we yari Umusederi mu yandi magambo bigasobanura ko yari ashyigikiye abo bantu be b'abicanyi, n'ubwo ngo yaba yaririrwaga imuhira arwaye, ariko umugabo wabajijwe, MUKAGATARE ngo yari yarategetse ko atazicwa kubera ko yamuvuraga bityo akajya iwe kenshi, yahamije ko yasangaga abarura indangamuntu z'abishwe, yishimira ubwinshi bwazo, kimuhama na none ubwo mu iburana rye yemeye ko yasanze imbunda iwe mu rugo, ndetse ngo imwe umwana we HABYARIMANA Ephroni ngo akaba yarayikinishaga, kandi abagabo bavuga ko uwo muhungu we yayigendanaga yica, naho we ngo ni ukuyikinisha kandi atarayobewe ko ayicisha abantu, atari n'igitambambuga cyo gukinisha imbunda ;

RUSANZE icyaha cyo kudatabara abari mu kaga nta ngaruka mbi byari kumugirira atagomba kukiryozwa mu gihe aregwa ubwicanyi, atakwica abantu anabatabara ;

RUSANZE icyaha cyo kuyogoza igihugu bica bitsemba imbaga na cyo kimuhama kubera ko byakozwe n'ako gatsiko ke yatoje, ndetse n'abana be, uwabigaragayemo cyane ari HABYARIMANA Gapusi akaba avuga ngo yari yaramunaniye ataba iwe nyamara abagabo bose babajijwe bakavuga ko atigeze ahava, barimo uwo MUKAGATARE wahagendaga, uwo mwana akaba yari akiri mineur, kuba ntacyo yakoraga ngo amubuze bikaba ari byo bituma yitwaza ko ngo yari yaramunaniye ataba iwe, kandi ahubwo ari we wari umushyigikiye hamwe na nyina, bityo ibyo ako gatsiko ke kakoze akaba agomba kubiryozwa ;

RUSANZE na none icyaha cy'itsembabwoko n'itsembatsemba na cyo kimuhama kubera ko yariteguye, ndetse akanarishyira mu bikorwa, dore ko agatsiko ke kari kariteguye kuzatsemba abatutsi, ndetse mu mihigo yako karirimba ko kazafatanya na we nk'uko na none umugabo wabajijwe MUKAGATARE abihamya, ako gatsiko kakaba karanabishyize mu bikorwa koko kakica abatutsi mu mugambi wo kubatsemba burundu ; ibyo kwitwaza ko ryatangiye (le 7/04/1994) adahari akaza kuza nyuma bikaba ntacyo byagabanya ku ruhare rwe mu itsembabwoko n'itsembatsemba byo mu Muhima, dore ko yari yariteguye, naho kuba yari yaraye ku wundi mugore we i Remera, atagaragaje ko ariho yabaga, cyangwa se yari kugumayo, n'ubwo no kuhaguma bitari gusiba ibyo kuba yarariteguye ;

RUSANZE iby'indishyi na byo kubazikurikiranye kuri Leta y'u Rwanda, KAMATAMU n'IRAGENA bifite ishingiro kubera ko KAMATAMU n'IRAGENA bakoze itsembabwoko bitwaje imyanya ya Leta bari bafite (umwe ari Konseye undi ari Umupolisi) kandi bakora mu izina ryayo na yo ibizi ntibahane cyangwa ngo ibabuze kuko ari yo yari yabatumye, iyi Leta yasimbuye iyo rero ikaba igomba kubyishyura kuko yasimbuye iya mbere kuri byose ,

Ku bihano
USANZE ibikorwa KAMATAMU yakoze bimushyira mu rwego rwa mbere nk'uko biteganywa n'ingingo ya 2 (urwego rwa mbere uduce a na b ) ya L.O.n° 08/96 du 30/8/96 ;

RUMUHANISHIJE igihano cyo kwicwa, akanatanga miliyari 3 zo kwishyura ibyangijwe mu gihugu hose hakurikijwe ingingo ya 30 y'iryo tegeko ngenga, no kwamburwa burundu uburenganzira bwose umuntu agira mu gihugu ;

RUSANZE ibikorwa bya NDAGIJIMANA Innocent bimushyira mu rwego rwa kabiri, akaba ahanishijwe gufùngwa burundu no kwamburwa burundu uburenganzira buvugwa mu ngingo

ya 66 uduce 2°, 3°, na 5° y'igitabo cy'amategeko ahana, akaba nta mafaranga azatanga yo kwishyura ibyangijwe mu gihugu hose kubera ko bidateganyirijwe uru rwego ;

RUSANZE ibikorwa bya IRAGENA Alphonse na we bimushyira mu rwego rwa kabiri, akaba ahanishijwe igifungo cya burundu, kwamburwa burundu uburenganzira buvugwa mu duce twa 2°, 3° na 5° tw'ingingo ya 66 y'igitabo cya mbere cy'amategeko ahana, na we akaba atazatanga amafaranga yo kuriha ibyangijwe mu gihugu hose kubera impamvu yavuzwe haruguru;

RUSANZE ibikorwa bya HABYARIMANA Thomas bimushyira mu rwego rwa mbere agace ka a na b, ahanishijwe kwicwa no kwamburwa burundu uburenganzira bwose umuntu agira mu gihugu, gutanga 700.000.000 FRW yo kuriha ibyangijwe mu gihugu hose ;

RUSANZE abaregeye indishyi bose batanze ibyagombwa bikenewe kandi banavuze izo bifuza bagomba kuzihabwa, kimwe n'abasahuriwe cyangwa bangirijwe ibintu babitangiye gihamya, zikaba zigomba kuryozwa KAMATAMU na Leta y'u Rwanda, usibye iza NIKURE Bemadette zizatangwa n'IRAGENA na Leta y'u Rwanda, abandi batujuje ibyangombwa bakazaziregera mu rundi rubanza, Urukiko, mu bwitonzi bwarwo rukaba ruzigennye mu buryo bukurikira :

Indishyi zagenwe haherewe ku basabye nke, kandi Urukiko ntirwashatse kuzisumbanya, bityo uwapfakajwe akagenerwa 6.000.000 FRW, uwatakaje umubyeyi, umwana cyangwa umwuzukuru agenerwa 4.000.000 FRW, uwatakaje umuvandimwe 2.000.000FRW ;

UREGERA INDISHYI INDISHYI YIFUZA UWISHWE UTUMA AZAKA NA/CYANGWA AGACIRO K'BYASAHUWE ISANO BAFITANYE IZO AGENEWE N'URUKIKO
l.NYIRABAGENI Budensiyana
2.KAMANZI Antoniya n'Umuhoza (uhagarari we na KAMANZI)

3.UWIZEYIMANA Charles yatanze imyanzuro 2, hafashwe uw'Avocat Uhagarariye n'umwana wa
GASHEMA, na babiri ba Usabyeyezu

4.UMULINGA Chantal

5.MUTESA Grâce (uva inda imwe n'Umulinga)

6.KAYIGANWA J.Claude na we uva inda imwe n' UMULINGA

7. MVUYEKURE François

6.000.000

8.000.000

10.000.000

10.000.000
kuri we
15.000.000 ku mwana wa Gashema
25.000.000
ku bana ba
Usabyeyezu

4.000.000
4.000.000
2.000.000
2.000.000

Asaba kandi agenewe nk' ay'Umulinga
na we asaba kandi agenewe nk' ay'Umulinga

2.000.000

2.000.0000

27.888.300 MUKANDUGARURA Domitira KANYONGA Kansilde
KANYONGA Kansilde

GASHEMA na USABYEYEZU

"

"

Ruhambiransina

Mukankombe
NGABONZIZA
NGOGA

_

_

MUGABO Innocent (nta byangombwa)
SHANGE Elizar (nta yangombwa
Ibyasahuwe- murumuna we

Umukobwa we

Umwana wasizwe na KANYONGA

Abavandimwe kuri se na nyina

Imfubyi ya GASHEMA
Imfubyi y'Usabyeyezu

Se w'Umulinga
Nyina
Musaza we
Musaza we

_

_

Umuvandimwe we
"

2.000.000FRW

4.000.000FRW

4.000.000 FRW
__________
8.000.000 RW

2.000.000 buri wese
4.000.000 FRW

4.000.000FRW kuri buri wese
8.000.000 FRW
_____________
16.000.000 Frw

4.000.000 FRW
4.000.000FRW
2.000.000 FRW
2.000.000 FRW
_____________
12.000.000 FRW

12.000.000 FRW

12.000.000 FRW

_

_

20.000.000 FRW

8.SENYANA
Désiré

9.NZAMWITA Anastasie (umugore wa SENYANA

10.SIBOMANA Etienne

11.Rutayisire Philémon(umuvandimwe wa
SIBOMANA)
12.Mukamurara Ancilla

13.KANZIGA Thérèse (nta
byangombwa by'abapfuye)
14.Mukunduhirwe
4.000.000
4.000.000

4.000.000
4.000.000
3.753.000

2.000.000
2.000.000

aganewe nk'aya SIbomana

agenewe nk'aya SIbomana

2.825.000

6.000.000
4.000.000 kuri buri mwana
yasigaranye, bose ni 5 :
20.000.000
4.221.000
KAYIGAMBA Gaëtan
Shyaka Antoine

(idem)

ibyasahuwe kwa KAYIGAMBA

no kwa SHYAKA

KAYIGAMBA Gaëtan
Shyaka Antoine

-

-

ibyasahuwe

Mbaraga Viateur
"

Ibyasahuwe Umuhungu we

" "

idem

umuvandimwe we -
umuvandimwe we

-

umugabo we -
abana be 4.000.000

4.000.000
8.000.000

4.000.000
4.000.000
2.500.000
10.500.000

2.000.000

2.000.000
4.000.000

4.000.000

4.000.000

2.000.000

6.000.000
20.000.000

3.000.000
29.000.000

15.MAKUZA Jean J. M.V
16.KAMPOGO Clément

17.MUSABYEYEZU Odette

18.NYIRANDAYISHIMIYE Espérence

19.MUKARWERA Immaculée

20.NIKURE
Bemadette

2.000.000

4.000.000 ku mpfubyi
yasizwe na J.Prudence

2.853.500

6.000.000

6.000.000
500.000 pour muramu we
Félix (nta byangorabwa)
5.750.000

6.000.000
4.000.0 kuri buri mwana
muri batanu yasigaranye
20.000.000
1.605.000

6.000.000
MUKARUSINE Marie Grâce
KAMPONGO Jeanne Prudence
"

Ibyasahuwe

NIYONSABA Vénantie
Rukeratabaro Vénuste

ibyasahuwe n'inzu yasenywe

Munyentwali
"

ibyasahuwe

NDUNGUTSE J.Bosco
mushiki we

mushiki we
umwana we

Umuvandimwe

umugabo we

umugabo we
Se w'abana batanu

-

umugabo we
2.000.FRW

2.000.000 FRW

4.000.000 FRW
1.800.000 FRW
7.800.000

2.000.000 FRW

6.000.000 FRW

4.000.000 FRW
10.000.000 FRW

6.000.000 RW

20.000.000

1.000.000 FRW
27.000.000

6.000.000 FRW

21. GAKWAYA Bénoite n'abama
be babiri

22.MUREKATETE Spéciose(uhagarariye umuryango we wose)
N.B. usibye KAYITESI Liliane,abandi bose ni bakuru, kandi nta byangombwa byaKAYITESI byatanzwe

23.MUKASE Jeanne

24.MUKABYAGAJU Grâce

25.MUKAMABANO

26 RWAGASANA Charles
29.NTAKABABAZA

20.000.000
N.B. (ntabimenyetso ku byasahuwe)

30.000.000
20.000.000

25.000.000 kuri we n'imfubyi eshatu yasigaranye
Nta bimenyetso by'ibyasahuwe

4.823.000
Nta ndishyi ku bapfuye yasabye
6.000.000

6.000.000
Nta bimenyetso by'ibyasahuwe yatanze MAYERE MUNYAKAZI Eustache

GASANA Gérard
MUGORUKEYE Aulérie
GASANA Benjamin

GASHUGI Léonce

Ibyasahuwe

KANYAMIBWA Claver
GAHONGAYIRE umugabo we

Se
Nyina
musaza we

umugabo we (na se w'abana basigaye)

umugabo we

mushiki we 6.000.000 (k'umugore)
8.000.000 ku bana bombi

---

14.000.000FRW

4.000.000FRW
4.000.000FRW

2.000.000FRW

_____________

10.000.000 FRW zigenewe MUREKATETE, abandi baziregere ku giti cyabo

6.000.000
(kuri se )
12.000.000
(ku bana )

18.000.000

3.500.000 FRW

6.000.000 FRW

2.000.000FRW

27.HAKIZA Hélène

28.GAHUTU Eugène

29 NTAKABABAZA

30.MUKAMWIZA Béatrice
31.NYIRAMBANZA Bélancille

32.MUKAMUSONI Suzane

33.NTAGANDA Amiel

34.CYANZAYIRE

35.MUKANYONGA Asthérie
10.000.000

10.000.000

10.000.000

6.000.000

5.000.000

10.000.000

6.000.000

10.000.000
2.080.000
10.000.000

10.000.000
20.000.000
ku bana n'umwuzukuru basigaye (5) Camionette 2 peugeot 504 n'inka 30 za kijyambere zifite inyana. MUNYANGEYO John
KAMANDA Déo

MARARA
RWABUNANGA

MuUsabyimana John

ubumuga yagize

BAGABO Etienne

Bisengimana Paul

MUKWINDI Jean
Umushahara w'umugabo kugeza ubu. ibyangiritse
(nta gihamya)
MUKULIRA
- umugabo we

umuvandimve

abahungu be

musaza we

umugabo we

umuhungu we
umugabo we

umugabo we
-
- 6.000.000 FRW-

2.000.000 FRW

4.000.000 FRW
4.000.000FRW

8.000.000 FRW
2.000.000 FRW

1.000.000FRW

6.000.000 FRW

4.000.000FRW
6.000.000FRW
2.080.000FRW

8.080.000 FRW

6.000.000FRW
20.000.000FRW
10.000.000FRW

36.000.000 Frw

KUBERA IZO MPAMVU ZOSE RUBONYE MU RUHAME,ABAREGWA,N'ABAREGERA INDISHYI BAHARI,LETA IREGWA INDISHYI IDARARI,

RUSHINGIYE ku Itegeko-Shingiro rya Repubulika yu Rwanda nk'uko ryavuguruwe kuwa 16/l/1996 ;

1. Ku Masezerano y'Amahoro y'Arusha muri Protocole d'accord entre le Gouvemement Rwandais et le FPR portant sur le partage du pouvoir, ingingo za 25 na 26,

2.Ku Itegeko Nshinga, ingingo 12, 14, 16, 22, 23, 33, 92, 95 ;

RUSHINGIYE ku itegeko-teka n° 09/80 ryo kuwa 7/7/1980 rishinga imitunganyirize n'ububasha by'inkiko, ingingo za 6, 12, 76, 104, 129, 199, 200 ,

RUSHINGIYE ku itegeko-ngenga n°08/96 ryo kuwa 30/08/1996 rigena imitunganyirize y'ikurikirana ry'ibyaha bigize icyaha cy'itsembabwoko n'itsembatsemba cyangwa ibyaha byibasiye inyokomuntu, ingingo za 1, 2, 3, 14, 17, 27, 29, 30 ;

RUSHINGIYE ku ngingo za 16, 17, 58, 59, 71, 73, 76, 83, 84, 138 z'igitabo cy'amategeko agenga imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha ;

RUSHINGIYE ku ngingo za 89, 90, 91, 168, 256, 283, 312 z'igitabo cy'amategeko ahana y'u Rwanda ;

RUSHINGIYE ku Masezerano Mpuzamahanga yo kuwa 9/12/1948 yerekeranye no kwirinda no guhana icyaha cy'itsembabwoko n'itsembatsemba ;

RWEMEYE kwakira no gusuzuma ikirego rwashyikilijwe n'Ubushinjacyaha, n'iby'abaregera indishyi, kuko byaje mu buryo bwemewe n'amategeko ;

RUSHYIZE KAMATAMU Euphrasie mu rwego rwego mbere rw'abakoze icyaha cy'itsembabwoko n'itsembatsemba ;

RUMUHANISHIJE igihano cyo kwicwa kwamburwa burundu uburenganzira bwose umuntu agira mu gihugu ;

RUMUTEGETSE gutanga miliyari eshatu (3.000.000.000FRW) yo kwishyura ibyangijwe mu gihugu hose.

RUSHYIZE NDAGIJIMANA Innocent mu rwego rwa kabiri rw'abakoze icyaha cy'itsembabwoko n'itsembatsemba ;

RUMUHANISHIJE gufungwa burundu ; no kwamburwa burundu uburenganzira bukurikira umuturage agira mu gihugu :

- Kubuzwa ububasha bwo gutanga amajwi, bwo gutora, bwo gutorwa, mbese mu mvugo irambuye kubuzwa uburenganzira bwose umuntu afite mu gihugu n'ubwerekeye politiki n'ubwo kwambara impeta .

- Kutemererwa kuba umuhamya mu by'ubuhanga, n'umugabo mu byemezo no mu manza, uretse kuba yasiganuzwa bamupererezaho ;

- Kubuzwa uburenganzira bwo gutwara intwaro, kuba umusirikare, umupolisi, kuyobora ishuri, kwigisha, kuba professeur, umwigisha, umwarimu cyangwa kugenzura amashuri ;

RUSHYIZE IRAGENA Alphonse Marie mu rwego rwa kabiri rw'abakoze icyaha cy'itsembabwoko n'itsembatsemba ;

RUMUHANISHIJE gufungwa burundu no kwamburwa burundu uburenganzira bukurikira :

- Kubuzwa ububasha bwo gutanga amajwi, bwo gutorwa, mbese mu mvugo irambuye kubuzwa uburenganzira bwose umuntu afite mu gihugu n'ubwerekeye politiki n'ubwo kwambara impeta ;

- Kutemererwa kuba umuhamya mu by' ubuhanga, n'umugabo mu byemezo, no mu manza uretse kuba yasiganuzwa bamupererezaho ;

- Kubuzwa uburenganzira bwo gutwara intwaro, kuba umusilikali,Umupolisi, kuyobora ishuli, kwigisha, kuba Professeur, umwigisha, umwalimu cyangwa kugenzura abanyeshuli ;

RUSHYIZE HABYARIMANA Thomas mu rwego rwa mbere rw'abakoze icyaha cy'itsembabwoko n'itsembatsemba ;

RUMUHANISHIJE igihano cyo kwicwa no kwamburwa burundu uburenganzira bwose umuntu agira mu gihugu ;

RUMUTEGETSE gutanga miliyoni magana arindwi (700.000.000FRW) yo kuriha ibyangijwe mu gihugu hose ;

RUTEGETSE KAMATAMU na IRAGENA gufatanya na Leta y'u Rwanda kwishyura indishyi baciwe zigahabwa abaziregeye nk'uko biteganyijwe mu mbonerahamwe izivuga na Rusanze iyibanziriza ;

RUTEGETSE KAMATAMU, NDAGIJIMANA, IRAGENA na HABYARIMANA gufatanya kuriha amagarama y'uru rubanza ahwanye n'ibihumbi 39.500FRW mu gihe giteganywa n'amategeko, batabikora bagafungwa iminsi 30 y'ubugwatiramubiri kandi akavanwa mu byabo ku ngufa za Leta ;

RUVUZE ko kujurira bikorwa mu mmisi 15 ;

RUVUZE ko urubanza rwatinze gucibwa kubera imirimo myinshi y'abacamanza ;

NI UKO RUKIJIJWE KANDI RUSOMEWE MU RUHAME NONE KUWA 17/07/1998 HARI ABACAMANZA : NDIZIHIWE Léon Fidèle, (PEREZIDA), HITIMANA Christophe na HAKIZIMANA Sébastien (ABAJUJI), NDABUKIYE RUCONDO Vincent (UMUSHINJACYAHA) MUKAMURENZI Valérie (UMWANDITSI).

JUJI PEREZIDA JUJI UMWANDITSI
HAKIZIMANA S NDIZIHIWE L.Fidèle HITIMANA Ch. MUKAMURENZI
Sé Sé Sé Sé

RUTEGETSE KAMATAMU na IRAGENA gufatanya na Leta y'u Rwanda kwishyura indishyi baciwe zigahabwa abaziregeye nk'uko biteganyijwe mu mbonerahamwe izivuga na Rusanze iyibanziriza ;

RUTEGETSE KAMATAMU, NDAGIJIMANA, IRAGENA na HABYARIMANA gufatanya kuriha amagarama y'uru rubanza ahwanye n'ibihumbi 39.500FRW mu gihe giteganywa n'amategeko, batabikora bagafungwa iminsi 30 y'ubugwatiramubiri kandi akavanwa mu byabo ku ngufa za Leta ;

RUVUZE ko kujurira bikorwa mu mmisi 15 ;

RUVUZE ko urubanza rwatinze gucibwa kubera imirimo myinshi y'abacamanza ;

NI UKO RUKIJIJWE KANDI RUSOMEWE MU RUHAME NONE KUWA 17/07/1998 HARI ABACAMANZA : NDIZIHIWE Léon Fidèle, (PEREZIDA), HITIMANA Christophe na HAKIZIMANA Sébastien (ABAJUJI), NDABUKIYE RUCONDO Vincent (UMUSHINJACYAHA) MUKAMURENZI Valérie (UMWANDITSI).

JUJI PEREZIDA JUJI UMWANDITSI
HAKIZIMANA S NDIZIHIWE L.Fidèle HITIMANA Ch. MUKAMURENZI
Sé Sé Sé Sé